

**REPUBULIKA Y’U RWANDA**



**KOMISIYO Y’IGIHUGU Y’ITORERO**  
UBUTORE DEVELOPMENT CENTRE

**IMFASHANYIGISHO YO GUTOZA  
INDANGAGACIRO YO GUKUNDA IGIHUGU**

Kamena 2014



**INDANGAGACIRO 7 Z'IBANZE  
ZIFASHA U RWANDA KUGERA KU  
CYEREKEZO RWIYEMEJE**

UBUNYARWANDA

**GUKUNDA IGIHUGU**

UBUNYANGAMUGAYO

UBUTWARI

UBWITANGE

GUKUNDA UMURIMO NO KUWUNOZA

KWIHESHA AGACIRO

---



# ISHAKIRO

INDANGAGACIRO REMEZO .....	iii
SHAKIRO.....	v
O. INTANGIRIRO .....	ix
1.Intego .....	ix
2.Ibikubiyemo .....	ix
I.UBUREREMBONERAGIHUGU.....	1
I.1. INTANGIRIRO .....	1
I.2. Ibisobanuro by'amagambo .....	1
I.3. Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu .....	2
I.4. Ubureremboneragihugu nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi .....	3
I.5. Inzira zikomeza gukoreshwa mu burere mboneragihugu .....	3
I.6. Akamaro k'uburere mboneragihugu .....	4
I.7. Ibiranga umuntu ukunda igihugu .....	4
I.8. Abantu baranzwe no gukunda u Rwanda bakanarwitangira .....	5
I.GUKUMIRA, GUHOSHA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE .....	6
I.1. Intangiriro .....	6
II.2. Intego .....	7
II.3.Icyo amakimbirane aricyo .....	7
I.4.Ibikubiye mu isomo .....	8
II.4.1 Icyo amakimbirane aricyo .....	9
II.4.2.Ubwoko bw'amakimbirane .....	9

II.4.3. Inzego z’amakimbirane .....	9
II.4.4. Ibyo amakimbirane ashingiraho (inkomoko) .....	10
II.4.5. Ibyakunze guteza amakimbirane mu muryango nyarawanda .....	10
II.4.6. Uburyo abantu bitwara mu makimbirane (imyitwarire) .....	11
II.4.7. Uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane .....	11
II.4.8. Gusesengura amakimbirane .....	12
II.4.8. Amahame agenga ukemura amakimbirane .....	14
II.4.9. Amagambo akunze gukoreshwa .....	14
<b>III. URUHARE RWA POLISI Y’IGIHUGU MU GUCUNGA UMUTEKANO.....</b>	<b>16</b>
<b>III.1. Intangiriro .....</b>	<b>16</b>
<b>III.2. Intego zihariye .....</b>	<b>16</b>
<b>I.3. Ibikubiyemo .....</b>	<b>17</b>
III.3.1. Uruhare rwa polisi y’Igihugu mu gucunga umutekano .....	17
III.3.1. Ishyirwaho rya polisi y’Igihugu n’inshingano zayo .....	17
<b>IV. URUHARE RW’ABATURAGE MU KWICUNGIRA UMUTEKANO.....</b>	<b>20</b>
<b>IV.1. Intangiriro .....</b>	<b>20</b>
<b>IV.2. Intego zihariye .....</b>	<b>20</b>
<b>IV.3. Ibikubiyemo .....</b>	<b>20</b>
IV.3. 1. icyo Community policing aricyo .....	21
IV.3. 1.1. Amahame ya community policing .....	21
IV.3.1.2. Ibigamijwe muri community policing .....	21
IV.3. 2. Uruhare rw’abaturage mu kwicungira umutekano .....	22
<b>V. URUHARE RW’AMATORA MUNZIRA YA DEMOKARASI .....</b>	<b>24</b>
<b>V.1. Intangiriro .....</b>	<b>24</b>

<b>V.2. Intego zihariye .....</b>	<b>24</b>
<b>V.3. Ibigize ikiganiro .....</b>	<b>25</b>
V.3.1. Ibisobanuro by'amagambo .....	25
V.3.2. Isano y'amatora na demokarasi .....	26
V.3.3. Uburyo demokarasi ishyingira mu bikorwa .....	27
V.3.4. Amatora icyo aricyo .....	28
V.3.5. Amateka y'amatora n'uburyo yakorwaga mu rwanda .....	28
V.3.6. Impamvu umuturage agomba kugira uruhare mu matora .....	37
V.3.7. Ingaruka z'amatora akozwe nabi .....	39
<b>VI. URUHARE RW'UMUCO MU ITERAMBERE .....</b>	<b>41</b>
<b>VI.1. Intangiriro .....</b>	<b>41</b>
<b>VI. 2. Intego.....</b>	<b>42</b>
<b>VI.3. Ibikubiyemo .....</b>	<b>43</b>
VI.3.1. Ibisobanuro by'amagambo .....	43
VI.3.2. Aho umuco uhurira n' iterambere .....	45
VI.3.3. Gahunda za leta z'indashyikirwa zishingiye ku muco (inyito n'imigenzo ya kinyarwanda) .....	47
VI.3.4. Inganda ndangamuco .....	48
VI.3.5. Ibyakorwa kugira ngo umusaruro ushingiyeho ku muco wiyongere .....	49
VI.3.6. Zimwe mu ngeso zibangamira iterambere zikwiye gucika .....	50
<b>VII. UBUFATANYE BW'INGABO N'ABATURAGE MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU ....</b>	<b>53</b>
<b>VII.1. Intangiriro .....</b>	<b>53</b>
<b>VII.2. Intego .....</b>	<b>53</b>
<b>VII.3. Ibikubiyemo .....</b>	<b>53</b>

VII.3.1. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'igihugu .....	54
VII.3.2. Imibanire y'ingabo n'abaturage mugihe cy'ubukoloni .....	54
VII.3.3. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'igihugu kuva 1994 kugeza ubu 2014 .....	55
VII.3.4. Inshingano z'ingabo z'u rwanda .....	57
VII.3.5. Ibikorwa by'ingenzi rufatanyijemo n'abaturage mu iterambere ry'igihugu .....	57

## O. INTANGIRIRO

Gukunda Igihugu ni ugukunda benecyo n’abagituye nta kurobanura, gukunda ibikigize byose nk’ubutaka,ururimi n’umuco no kumenya amateka ya cyo, kugikorera no kugira ishyaka rya cyo,kubumbatira umutekano n’ubusugire bwa cyo,kukirwanirira harimo ishyaka ryinshi,kwitanga ukaba wanagipfira bibaye ngombwa byo bigihesha agaciro.

Gukunda Igihugu bigaragara ku munyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu, akagira uruhare mu gusigasira uburere n’umuco w’Igihugu cye, akakitangira mu buryo bwose bushoboka, akacyubaka, akanagiteza imbere yicungira umutekano, akaba mu ijisho ryawo aho ari mu bufatanye n’inzego zose z’ubuyobozi n’iz’umutekano.

### **1.Intego**

Kugira Umunyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu, usigasira uburere n’umuco w’Igihugu cye, wakitangira mu buryo bwose bushoboka, witabira ibikorwa bicyubaka bikanagiteza imbere ndetse akanagira uruhare mu kwicungira umutekano.

### **2.Ibukubiyemo**

Muri iki kiganiro hakubiyemo amasomo akurikira:

- I. Uburere mboneragihugu
- II. Gukumira, guhosha no gukemura amakimbirane
- III. Uruhare rwa Polisi y’Igihugu mu gucunga umutekano
- IV. Uruhare rw’abaturage mukwicingira umutekano (Community Policing).
- V. Uruhare rw’amatora mu nzira ya demokarasi

- VI. Uruhare rw'umuco mu iterambere
- VII. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'Igihugu
- VIII. Ubumenyi bwibanze bw'intwaro
- IX. Umwanzuro

## I. UBURERE MBONERAGIHUGU

### I.1 INTANGIRO

Ijambo uburere mbonera gihugu rituruka ku gikorwa cyo kurerera Igihugu bishaka kuvuga : Gutanga uburere bubereye Igihugu, bugihesha ishema, butuma gikundwa, cyubahwa, kikanagendwa. Kubaka, gushimangira, gukomeza ubumenyi bw'abanyagihugu ku bireba Igihugu cyabo.

Izindi ndangagaciro zishamikiye kuri iki kiganiro ni izi zikurikira :

- a. Ubwitange,
- b. Gucunga neza ibya rubanda
- c. Kubungabunga umutekano
- d. Kugira ishyaka,ubutwari
- e. kwirinda amacakubiri
- f. Kugira urukundo
- g. Kwemera inshingano no kuzisohozza
- h. Kugira ishyaka
- i. Kubungabunga ibidukikije.
- j. Ubufatanye mu iterambere

### I.2. Ibisobanuro by'amagambo

- a. **Uburere mboneragihugu** : ijambo rituruka ku gikorwa cyo kurerera Igihugu bishaka kuvuga : Gutanga uburere bubereye Igihugu, bugihesha ishema, butuma gikundwa, cyubahwa, kikanagendwa. Kubaka, gushimangira, gukomeza ubumenyi bw'abanyagihugu ku bireba Igihugu cyabo.

- b. Uburere mboneragihugu:** twavuga ko ari inyigisho n'ibikorwa zitangwa bigamije kubaka ubunyarwanda. Kumenyesha Abanyarwanda ko basangiye Igihugu n'ubwenegihugu, bafite uburenganzira bungana, barangwa n'umuco w'ubworoherane, amahoro, ubwubahane, gukunda Igihugu n'ukuri, akaba ari byo bigenda bibafasha komorana ibikomere batewe n'amateka mabi banyuzemo, bityo bikabafasha kwiyubakira Igihugu mu bufatanye n'ubwuzuzanye bisesuye.
- c. Igihugu:** kirangwa n'ubutaka bufite imbibi zizwi, amateka n'ubutegetsu buhuriweho n'abagituye, ibirango bose bibonamo, umuco, ururimi n'imyemerere bitandukanye n'iby'abandi, umutungo kamere usangiwe ariko kandi cyane, Igihugu kikarangwa n'abagituye.

### ***1.3. Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu***

Zimwe mu nkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu ni izi zikurikira:

- a. Amateka y'Igihugu
- b. Umuco w'Igihugu
- c. Indangagaciro z'Igihugu
- d. icyerekezo cy'Igihugu
- e. Devise y'Igihugu (Devise National (Ubumwe, Umurimo, Gukunda Igihugu))
- f. Gahunda ya guverinoma.
- g. Ibirango by'Igihugu n'ibisobanuro byabyo

Mu Rwanda Uburere mboneragihugu tubukomora kuri ibi bikurikira:

- a. Uruhererekane nyemvugo :** Ingero (Wima amaraso Igihugu, imbwa zikayanywera ubusa, u Rwanda ruratera ntiruterwa, ese ko abandi bahunga bagana u Rwanda, ndaruhunga njye he? (Bisangwa).

- b. **Imisango** : urugero nko mu gihe cyo gusaba umugeni, kuba umwe mu basaba yarimanye itabi ku itabaro, byashoboraga kuba impamvu ikomeye ituma uwo muryango wimwa umugeni.
- c. **Uburezi** (Formelle): kuva abakoloni baza, Uburere mboneragihugu bwibanze ku ivangura, kutava hamwe, kutaba abenegihugu bamwe, kugeza kuri jenocide yakorewe abatutsi.

#### ***1.4. Uburere mboneragihugu nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi***

Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994, uburere mboneragihugu bwahindutse muri ubu buryo bukurikira :

- a. Uburere mboneragihugu nyuma ya Jenocide, bwagarutse ku kubanisha Abanyarwanda no kwiteza imbere bafatanyije.
- b. Kuva 1994 uburere mboneragihugu bwarifashishijwe cyane mu gusana no guhumuriza umuryango nyarwanda.
- c. 12/11/2007 Inama y'Abaminisitiri yashyizeho Itorero ry'Igihugu; bivuze ko uburere mboneragihugu bwagarutse kandi bugahabwa imbaraga.
- d. 16/11/2007 Nyakubahwa Paul KAGAME Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yayatangije Itorero ry'Igihugu ku mugaragaro mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko.

#### ***1.5. Inzira zikomeza gukoreshwa mu burere mboneragihugu***

Uburere mboneragihugu bukomeza kubakirwa ahantu hatandukanye mu Rwanda ku buryo bukurikira :

- a. Ababyeyi mu muryango
- b. Itorero ry'Igihugu (Gutoza)
- c. Amahugurwa
- d. Inama
- e. Radio

- f. Television
- g. Ibinyamakuru
- h. Internet

### ***1.6. Akamaro k'uburere mboneragihugu***

Iyo uburere mboneragihugu bwigishijwe neza kandi bufite intego, bituma habaho:

- a. Ubumwe bw'abanyagihugu
- b. Ishema ry'Igihugu
- c. Iterambere ry'Igihugu ( Stability and development)
- d. Igihugu gikomeza ubusugire bwacyo

### ***1.7. Ibiranga umuntu ukunda igihugu***

Umuntu ukunda Igihugu arangwa n'ibi bikurikira :

- a. Guhorana ingamba zo guhindura abandi, abaganisha ku mikorere ya kirwanashyaka
- b. Kubahiriza uburenganzira bw'abandi nk'uko yifuza ko ubwe bwubahirizwa
- c. Kuzirikana ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko
- d. Kuzirikana ko hari byinshi byiza byasizwe n'Abakurambere bityo akumva ko agomba kwishyura iryo deni nawe akagira icyo asiga akoze abazavuka nyuma bakazabiharaho.
- e. Kuzirikana ko umutungo kamere w'Igihugu (ubutaka, amabuye y'agaciro, amazi n'ibidukikije ari uwa abariho n'abazabakurikira bityo ukaba ukwiye gucungwa hazigamirwa abazakomoka kubariho mu gihe runaka.
- f. Kugikorera nta kwiganda
- g. Gushishikazwa no gushaka ibisubizo by'ibibazo biriho
- h. Kutagambanira Igihugu

- i. Kwitangira Igihugu ukaba wanagipfira bibaye ngombwa
- j. Kwishimira kuba umuvugizi w'Igihugu cye aho ari hose
- k. Kutarangwa n'ivangura iryo ariryo ryose
- l. Gushyira inyungu z'Igihugu imbere kurusha ize ku giti cye

### ***1.8. Abantu baranzwe no gukunda u Rwanda bakanarwitangira***

Hari Abanyarwanda batandukanye bagaragaje umuco mwiza wo gukunda Igihugu no kucyitangira, muri bo twavuga nka:

- a. Umwami KIGERI IV Rwabugili
- b. Umwami MUTARA III RUDAHIGWA
- c. FRED GISA RWIGEMA
- d. Abana b'abanyeshuri b'I Nyange
- e. Soeur Felicite NIYITEGEKA

## **UMWANZURO**

Uburere mboneragihugu ni ngombwa kandi ni ingenzi mu kubanisha umunyagihugu n'Igihugu cye. Uburere mboneragihugu bukwiye gukomeza kwigishwa ingeri zose z'abanyarwanda. Muri iki gihe, bukwiye kudufasha kugira uruhare rugaragara mu iterambere, kubaka ishema, icyizere cya none n'icy'ejo hazaza ku banyarwanda bose.

### **Imfashanyigisho**

- a. **Ibitabo** : Imfashanyigisho y'Ingando n'andi mahugurwa, Komisiyo y'Ubumwe n'ubwiyunge Gashyantare 2008.
- b. **Indirimbo** :
  - Indirimbo yubahiriza Igihugu
  - Nanze Igitebwe n'ubugwari
- c. **Imigani**: Wima Igihugu amaraso imbwa zikayanywera ubusa.

## II. GUKUMIRA, GUHOSHA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

### II.1. Intangiriro

Amakimbirane akunze kuganisha ku gusenya. nyamara kandi mu mateka y'abantu amakimbirane atera imbaraga n'ubushake bwo gushakisha no kubaka amahoro „ Peace building process. Amakimbirane bivuze ubushyamirane, kutavuga rumwe cyangwa kutumvikana hagati y'abantu babiri cyangwa benshi bikomoka ku :

- a. Imyumvire inyuranye
- b. Inyungu zitandukanye
- c. Ibitekerezo n'imyitwarire itandukanye
- d. Kuvutswa urukundo

Mu muryango w'abantu, amakimbirane ntasiba kuvuka, Abanyarwanda bo baravuga ngo *ntazibana zidakomanya amahembe*". Ingaruka z'Amateka y'imiyoborere mibi mu Rwanda na Jenocide yakorewe Abatutsi byashenye umuryango nyarwanda, byateye ingaruka zirimo:

- a. Ubwishishanye
- b. Urwikekwe
- c. Inzangano, byose bikaba ari imbogamizi ku iterambere, ku mibanire, n'ibindi)

Ni ngombwa rero ko Abanyarwanda bagira ubumenyi ku buryo bwo gukumira no gukemura amakimbirane bahura nayo mu buzima bwa buri muni (kwikemurira ibibazo) bityo bakomeze inzira y'iterambere biyemeje. Izindi ndangagaciro zishamikiye kuri iki kiganiro ni izi zikurikira :

- a. Ubwitange,
- b. Gucunga neza ibya rubanda

- c. Kubungabunga umutekano
- d. Kugira ishyaka, ubutwari
- e. Kwirinda amacakubiri
- f. Kugira urukundo
- g. Kwemera inshingano no kuzisohozza
- h. Kugira ishyaka
- i. Kubungabunga ibidukikije.
- j. Ubufatanye mu iterambere

## **II.2. Intego**

Nyuma y'isomo abatozwa bazaba bashobora kumenya:

- a. amakimbirane icyo aricyo n'ibice biyagize
- b. Uburyo bwo kuyakumira no kuyakemura
- c. Kumenya no kwirinda ibitera amakimbirane
- d. Gusesengura no kumenya uko bitwara mu makimbirane

## **II.3. icyo amakimbirane ari cyo**

Amakimbirane akunze kuganisha ku gusenywa. Ariko kandi mu mateka y'abantu amakimbirane atera imbaraga n'ubushake bwo gushakisha no kubaka amahoro (Peace building process). Amakimbirane bivuze ubushyamirane, kutavuga rumwe cyangwa kutumvikana hagati y'abantu babiri cyangwa benshi bikomoka ku:

- a. Imyumvire inyuranye
- b. Inyungu zitandukanye
- c. Ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye
- d. Kubura urukundo

Mu muryango w'abantu, amakimbirane ntabwo kuvuka (Abanyarwanda

bo baravuga ngo ntazibana zidakomanya amahembe). Ingaruka z'Amateka y'imiyoborere mibi mu Rwanda na Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 byashenye umuryango nyarwanda, bitera ingaruka zirimo izi zikurikira :

- a. Ubwishishanye
- b. Urwikekwe
- c. Inzangano, n'ibindi

Ibi byose bikaba ari imbogamizi ku iterambere, ku mibanire, k'ubwuzuzanye n'ubuzima bwose muri rusange. Ni ngombwa rero ko Abanyarwanda bagira ubumenyi ku buryo bwo gukumira no gukemura amakimbirane bahura nayo mu buzima bwa buri muni (kwikemurira ibibazo) bityo bashobore gukomeza inzira y'iterambere biyemeje.

#### **II.4. Ibikubiye mu isomo**

Ibikubiye muri iri somo ni ibi bikurikira :

- a. Amakimbirane icyo ari cyo
- b. Ubwoko bw'amakimbirane
- c. Inzego z'amakimbirane
- d. Ibyo amakimbirane ashingiyeho (inkomoko)
- e. Ibyakunze guteza amakimbirane mu Rwanda
- f. Uburyo abantu bitwara mu makimbirane (imytwarire)
- g. Uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane:
- h. Gusesengura amakimbirane
- i. Mu gukemura amakimbirane uko umuhuza agomba kwitwara
- j. Amahame agenga ukemura amakimbirane
- k. Umwanzuro

#### II.4.1 Icyo amakimbirane aricyo

Amakimbirane twavuga ko ari Ubushyamirane, kutavuga rumwe, kutumvikana hagati y'abantu babiri cyangwa benshi, hagati y'amatsinda, Uturere, ibihugu, biturutse ku kudahuza ibitekerezo cyangwa inyungu. Amakimbirane kandi ashobora no kuba mu muntu ubwe, biturutse kuri kamere ye cyangwa ku kugongana kw'ibitekerezo muri we.

#### II.4.2. Ubwoko bw'amakimbirane

Amakimbirane atandukanye mu buryo bukurikira:

- a. **Amakimbirane asanzwe (Litige)** : Ni amakimbirane yoroheje adashinze imizi cyangwa atagira inzika n'ingaruka mbi mu mibereho n'imibanire y'abantu. Urugerero: Intonganya ziturutse kukonesha.
- b. **Amakimbirane asasiweho (Conflict latent)**: Ni amakimbirane akomeye ariko yigaragaza cyane iyo habayeho imbarutso, aya makimbirane akenshi aterwa n'ibibazo abantu baba baragiye bagirana ntibikemurwe burundu.
- c. **Amakimbirane yashinze imizi (deep rooted)**: Ni amakimbirane afite inkomoko ishingiyeye ku mizi ya kure bitewe n'ubuhemu cyangwa se inzangano abantu bagiranye. Aya makimbirane akenshi arangwa n'inzika n'inzigo bidashira.
- d. **Amakimbirane mu muntu** : Ni amakimbirane yigaragariza mu muntu ku giti cye akenshi bitewe n'ibitekerezo byavangiwe n'ingaruka zinyuranye zaba ziturutse mu muntu ku giti cye cyangwa se hanze.

#### II.4.3. Inzego z'amakimbirane

Amakimbirane akubiye mu nzego zitandukanye zikurikira:

- a. Amakimbirane mu muntu (intrapersonal)
- b. Amakimbirane hagati y'abantu (inter personal)
- c. Amakimbirane hagati y'amatsinda (intergroup)

- d. Amakimbirane mu itsinda ubwaryo (intragroup)
- e. Amakimbirane hagati mu gihugu (intranational)
- f. Amakimbirane hagati y'ibihugu (international)

#### **II.4.4. Ibyo amakimbirane ashingiraho (inkomoko)**

- a. Imyumvire cyangwa Imyitwarire itandukanye
- b. Ugusaranganya nabi umutungo
- c. Kubura ibyangombwa by'ibanze mu buzima cyangwa kubivutswa
- d. Kubuzwa uburenganzira bwa muntu
- e. Inyungu/Ibitekerezo bitandukanye bishingiye ku idini, amashyaka cyangwa ibindi

Akenshi amakimbirane ashingiye ku ngingo 3 z'ingenzi:

- a. Imitungo (resources)
- b. Ibintu umuntu aha agaciro (values)
- c. Ibyo umuntu yifuza cyangwa yiyumvamo (Psychological needs)

**Urugero:** kuvutswa urukundo, guhezwa mu bandi, kutagira inshuti, bishobora gutuma umuntu yumva yiyanze akarangwa n'umwaga.

#### **II.4.5. Ibyakunze guteza amakimbirane mu muryango**

Ibyakunze kuranga amakimbirane mu muryango nyarwanda ni ibi bikirikira :

- a. Kuvutswa ibyangombwa by'ibanze n'uburenganzira mu buzima bw'abantu
- b. Ubuyobozi bubi
- c. Ubukene
- d. Inda nini no kwikanyiza
- e. Icyenewabo, itononesha na Ruswa

- f. Kutubahiriza amategeko
- g. Ubunewe (cfr za kirazira mu bukungu, ubutabera, Imibanire myiza)

#### **II.4.6. Uburyo abantu bitwara mu makimbirane (imyitwarire)**

- a. Kwihunza ibibazo (Evitement) : Ibi bikunze gukorwa iyo umuntu adashaka kwiteranya, mbese akumva ko ikibazo gihari ariko ntagerageze kugikemura.
- b. Gufatanya (Collaboration): Ubu buryo busobanura ko impande zombi zijya inama kugira ngo zigere ku mwanzuro uboneye. Ubu buryo busaba ko impande zombi zumvikana.
- c. Guhangana (Competition): Hari igihe uruhande rumwe rwumva rugomba buri gihe kwikanyiza, rukaganza urwo bahanganye. Ubu buryo bukoresha igitugu n'ingufu
- d. Kwigomwa (sacrifice) : Iyo habaye igice cyitanga kugira ngo imibanire ibe myiza
- e. Kumvikana (le compromis) : buri ruhande rugira sacrifice rukora ariko rukagira nicyo rubona nta ngufu zikoreshejwe (win-win solution)

#### **II.4.7. Uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane**

- a. **Gukumira Amakimbirane** : Gukumira amakimbirane bisobanuye kubona ibibazo mbere y'uko biba, no kugira ububasha bwo kubibuza kwihembera ngo bitabyara urwikekwe, imvururu cyangwa intambara. Bikaba bisaba ibi bikurikira :
  - Gufata ibyemezo hakiri kare ku nzego bireba
  - Kujya inama hakiri kare
  - Gushyiraho inzego z'igenzura n'ukurikirana
- Gusaranganya umutungo neza

- Kubahiriza amategeko n'amabwiriza
- Kutagundira ubutegetsi no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu

**b. Gukemura amakimbirane bikurikiza :**

- Kuganira kw'abafitanye ikibazo (Dialogue)
- Imishyikirano (negociation)
- Kuganira ku bibazo ku mpande zombi
- Ubuhuza (Mediaton) : aha hagomba Umuhuza ubafasha kwifatira ibyemezo
- Arbitrage ( ubuhuza butavugirwamo busa n'ubucamanza)
- Amategeko : Bajya kuburanira mu nkiko
- Gukoresha ingufu : (recour à la force) / (Win/lose)
- Kwiwunga (Reconciliation)

**II.4.8. Gusesengura amakimbirane**

Kugira ngo umenye neza imiterere y'amakimbirane ni uko ugomba kubanza kumenya neza icyayateye n'uburyo agenda ahindura isura. Iyo hakorwa isesengura hibandwa ku bice bitatu by'ingezi : Abantu, Inzira n'ibibazo bigaragara muri ayo makimbirane kandi buri gice gisesengurwa ukwacyo.

ABANTU	INZIRA	IMITERERE Y' IKIBAZO
Ni bande cyangwa Udutsiko dufitanye amakimbirane ?	Imbarutso yayo makimbirane ni iyihe?	Inyungu za buri ruhande ni izihe? Ibyo zipfa ni ibiki?
Abandi areba ariko batari ba nyirayo ni bande?	Ese hari ibyo basanzwe basangiye kuva na kera?	Inyungu zabo zaba zitandukanye cyane? Ziragonganira he
Abo azagiraho ingaruka ni bande?	Buri ruhande rwakwifuzaga gufata izihe nzira mu kuyakemura?	Uburyo impande 2 zumva zagera ku nyungu zihuriyeho ni ubuhe?
Abayobozi bayarimo ni bande? Inzego z'ubuyobozi zabo ziteye gute?	Imihindagurikire y'amakimbirane ni iyihe? Impamvu nyirabayazana, ni izihe? Amakimbirane agenda akura ate?	Ubwo buryo hari aho bugonganira?
Bo ayo makimbirane bayabona gute?	Abagerageza gukumira aya makimbirane bafite ruhare ki? Bubasha ki? Cyangwa se ububasha bungana iki?	Ese ibyo basangiye ni ibiki?
Abandi areba ariko batari ba nyirayo ni bande? Abo azagira ho ingaruka ni bande?	Uburyo bakoresha mu kumvikana cyangwa mu gutumanaho bumeze gute?	Ibyo batsimbarayeho ni ibiki? Ibivugwa ni ibihe? Ibitavugwa se byo byamenyekana?
Inzego z'ubuyobozi zabo ziteye gute?	Uku kumvikana kwakorwa neza gute?	Icyakorwa kugira ngo aya makimbirane akemuke ni iki?
Buri gatsiko cyangwa itsinda ry'abari muri ayo makimbirane rifite bibazo ki ?		Ni buryo ki bwakoreshwa mu kuyakemura?
Imyunvire yabo itandukaniye he?		

Mu gukemura amakimbirane umuhuza agomba kwita

- a. Umuco w’abo ahuza,
- b. Imyemerere yabo
- c. Imiterere yaho batuye,
- d. Inkomoko mu muryango
- e. Kwifashisha Amateka

#### **II.4.8. Amahame agenga ukemura amakimbirane**

Amahame agenga ukemura amakimbirane ni aya akurikira :

- a. Kuba ntaho ahuriye n’ayo makimbirane agiye gufasha gukemura;
- b. Kuba ari inyangamugayo;
- c. Kutabogama ;
- d. Kugira ibanga;
- e. Kudafata icyemezo we ubwe no kwirinda guca urubanza;
- f. Kuba yumva kandi anashobora kumvikana n’abo ahuza;
- g. Kugerageza kumva no gutega amatwi abo ahuza;
- h. Kuba afite ubushishozi;
- i. Kwirinda amarangamutima ayo ari yo yose.

#### **II.4.9. Amagambo akunze gukoreshwa**

- a. Gukumira amakimbirane (conflicts Prevention)
- b. Gukemura amakimbirane (conflicts Resolution)
- c. Guhosha amakimbirane (conflicts Mitigation)
- d. Gucunga amakimbirane (conflicts Management)

**Ibindi byakwifashishwa**

- a. WWW.Instutut-francais-mediation.fr
- b. Imfashanyigisho y'Ingando n'andi mahugurwa, Gashyantare 2008, page 133
- c. Training manual on conflict management, National unity and reconciliation commission, February 2006.
- d. The Rwandan conflict, Origin, Development, Exit Strategies, National unity and reconciliation commission page 1
- e. Indirimbo ya NTAMUKUNZI: Intambara irasenya ntiyubaka
- f. Imigani: (Ababurana ari babiri umwe aba yigiza nkana)

### III. URUHARE RWA POLISI Y'IGIHUGU MU GUCUNGA UMUTEKANO

#### III.1. Intangiriro

Gukunda Igihugu ni ugukunda bene cyo n'abagituye nta kurobanura, gukunda ibikigize byose nk'ubutaka, ururimi n'umuco no kumenya amateka ya cyo, kugikorera no kugira ishyaka rya cyo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwa cyo, kukirwanirira harimo ishyaka ryinshi, kwitanga ukaba wanagipfira bibaye ngombwa bigamije kugihesha agaciro.

Izindi ndangagaciro zishamikiye kuriki kiganiro nizi zikurikira:

- a. Ubwitange
- b. Gucunga neza ibya rubanda
- c. Kubungabunga umutekano
- d. Kugira ishyaka, ubutwari
- e. kwirinda amacakubiri
- f. Kugira urukundo
- g. Kwemera inshingano no kuzisohozza
- h. Kugira ishyaka
- i. Kubungabunga ibidukikije.
- j. Ubufatanye mu iterambere

#### III.2. Intego zihariye

Nyuma y'ibiganiro, intore zizasobanukirwa inshingano nyamukuru ya polisi y'Igihugu ari zo:

- a. Kugenzura ko amategeko yubahirizwa
- b. Gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo

c. Gufatanya n'abaturage gukumira ibyaha bitaraba no kubirwanya.

Buri ntore izasobanukirwa n'imikorere ya polisi y'Igihugu n'imikoranire yayo n'abaturage no gusobanukirwa uruhare rwa buri wese mu gukumira no kurwanya ibyaha biganisha mu kwibungabungira umutekano no gukunda Igihugu muri rusange.

### **1.3. Ibikubiyemo**

- a. Intego Rusange
- b. Intego yihariye
- c. Uruhare rwa Polisi mu gucunga umutekano
- d. Ishyirwaho rya Polisi y'Igihugu n'inshingano zayo
- e. Amahame ya polisi y'Igihugu
- f. Inshingano n'ububasha bya Polisi y'Igihugu
- g. Umwanzuro

#### **III.3.1. Uruhare rwa Polisi y'Igihugu mu gucunga umutekano**

Umutekano muri rusange ugenda urushaho kuba mwiza bitewe n'uko abaturage bagenda barushaho gusobanukirwa n'uruhare rwabo mu kuwubungabunga no gosobanukirwa ubufatanye bwabo na Polisi y'Igihugu n'izindi nzego z'umutekano. Polisi rero ifite uruhare mu gukurikirana umunsi ku wundi ko amategeko yubahirizwa, gutahura no gukurikirana icyateza umutekano mucye ifatanyije n'abaturage.

#### **III.3.2 Ishyirwaho rya Polisi y'Igihugu n'inshingano zayo**

Hashingiwe ku ivugururwa ry'inzego z'Igihugu zishinzwe umutekano ahari abakoraga bimwe kandi bakora muri Minisiteri zitandukanye, byatumye hahuzwa inzego zikurikira :

- a. Gendarmerie yabarizwaga muri MINADEF
- b. Police Communale yabarizwaga muri MINALOC

- c. Police Judiciaire yabawrwaga muri MINIJUST,izo zose zihurizwa hamwe zikora Polisi y'Igihugu

Nk'urwego rushinzwe umutekano mu gihugu hose, Polisi y'Igihugu ishyirwaho n'Itegeko **N°09/2000** ryo ku wa **16/06/2000** rigena imitunganyirize rusange n'ububasha byayo.

### **III.3.2.1. Amahame ya Polisi y'Igihugu**

- a. Kubumbatira uburenganzira bw'ibanze buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko
- b. Imikoranire myiza ya Polisi y'Igihugu n'imbaga y'abaturage
- c. Kumva ko igenzurwa n'abaturage bose
- d. Kugaragariza abaturage iyubahirizwa ry'inshingano zayo.

### **III.3.2.2. Inshingano n'ububasha bya Polisi y'Igihugu**

- a. Kugenzura ko amategeko yubahirizwa;
- b. Gukoma imbere no gushaka ibyaha hamwe no kubiperereza
- c. Kurinda umutekano w'abantu n'ibyabo;
- d. Kugoboka umuntu wese uri mu byago;
- e. Gukora igenzura rusange ry'ahantu hose ibona ari ngombwa;
- f. Kwihutira gutabara iyo habaye amakuba, ibyago cyangwa impanuka
- g. Kugenzura ibigendera mu muhanda;
- h. Kurinda umutekano mu nkiko;
- i. Kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga ikirere imipaka n'amazi;
- j. Gufatanywa na Polisi z'ibindi bihugu,igamiye gushakisha no gufata abagizi ba nabi.

- k. Kurwanya iterabwoba;
- l. Kurinda umutekano w'abanyacyubahiro;
- m. Kurinda umutekano ku bibuga by'indege;
- n. Kurwanya inkongi y'umuriro

## **UMWANZURO**

Muri rusange ubufatanye mu nzego zose ni imwe mu nzira nziza yo kurwanya no gukumira icyo ari cyo cyose cyabangamira umudendezo w'abaturage. Kugira ngo ibyo byose bishoboke birasaba ko buri wese yiyumvamo ko ari we uje mbere mu kugira uruhare rwo kubahiriza umutekano wa mugenzi n'uwo aho atuye kandi bikumvikana ko Polisi by'umwihariko, igomba kunganirwa n'abaturage kugira ngo umutekano usesuye kandi urambye ugerweho.

## IV. URUHARE RW'ABATURAGE MU KWICUNGIRA UMUTEKANO

### IV.1. Intangiriro

Umuturage ni we shingiro ry'ibikorwa byose by'Igihugu, haba ibyo mu iterambere rusange cyangwa ibijyanye n'imibanire rusange ya buri muni hagati y'abatuye icyo gihugu. Ibikorwa byose mu gihugu bishingiye mu bwisanzure bwa buri muntu n'umutekano we bwite n'uw' ibyo ashaka kugeraho. Gukunda Igihugu rero bijyana no kugira uruhare mu kwishyira ukizana kwa buri wese, kandi buri muturage akumva ko ari we shingiro ry'umutekano w'Igihugu; akanaharanira kurwanya icyawuhungabanya cyose.

### IV.2. Intego zihariye

Nyuma y'ikiganiro, Intore zizashobora gusobanukirwa neza uko ubufatanye bw'abaturage na Police bukorwa, akamaro kabwo muri rusange, n'ibyiza byabwo ku mutekano w'Igihugu.

Intore zizashobora kandi kumenya no gusobanukirwa uruhare rwa buri wese mu bufatanye bwo gukumira no kurwanya ibyaha bitaraba, gutangira amakuru ku gihe, kuranga no gukumira icyahungabanya umudendezo w'Igihugu.

### IV.3. Ibikubiyemo

- I. Community Policing ni iki?
- II. Amahame ya Community policing
- III. Ibizamijwe muri Community Policing
- IV. Uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano
- V. Umwanzuro

### **IV.3. 1. icyo Community policing aricyo**

Community Policing ni ubufatanye hagati ya Polisi y'Igihugu n'abaturage hagamijwe gukumira no kurwanya ibyaha bitaraba. Ubushakashatsi bwagaragaje ko Polisi idashobora kurwanya ibyaha yonyine. Abaturage bagomba kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ibyaha bitaraba.

#### **IV.3. 1.1. Amahame ya community policing**

- a. Umuturage yiyumvamo uruhare rwe mu kubungabunga umutekano w'Igihugu.
- b. Imikoraniye myiza, gusuzuma no gushaka umuti ku bibazo byateza umutekano muke.
- c. Guhindura imikorere y'abapolisi bagakorana n'abaturage bafatanije gucunga umutekano. Umupolisi aba umuhuza w'inzego zose mu rwego rwo gukumira icyo ari cyo cyose cyateza umutekano muke.
- d. Gushingira ku mahame y'umwuga, amategeko, uruhare rw'abaturage ndetse n'icyizere bakorana na Polisi mu kubungabunga umutekano aho batuye.
- e. Kuvugurura imikorere ya Polisi hagamijwe gukumira ibyahungabanya umutekano
- f. Uburyo bushya bwo kwiyumvamo Polisi ndetse nayo igafatanywa n'abaturage. Izi nshingano Polisi y'Igihugu ntiyazigeraho idafatanyije n'abaturage.

#### **IV.3.1.2. Ibigamijwe muri community policing**

- a. Gukangurira abaturage kwibungabungira umutekano ubwabo
- b. Gukoresha inama zikangurira abaturage kwikemurira ibibazo by'umutekano
- c. Gushakisha no gutanga amakuru ku gihe ku bintu byose byahungabanya umutekano

NB: Gukumira ibyaha bikwiye kuba muri zimwe mu ngamba ndetse no muri politiki na gahunda yo kuzamura ubukungu n'imibereho myiza mu nzego zose.

- a. Gushishikariza buri wese gufasha Community Policing no gukorana na komite za community policing zatowe n'abaturage (CPC's). Izo komite zagiyeho binyuze mu matora nyuma y'icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa **10/10/2007** yemeje ko hajyaho Community Policing Committees mu gihugu hose.
- b. Amabwiriza **N°02 yo kuwa 18 Ukwakira 2007** ya Minisitiri w'Umutekano mu gihugu ashiraho Komite za Community Policing.
- c. Amatora kuri izo nzego zose yabaye kuwa **23/02/2008**.

#### **IV.3.2 Uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano**

- a. Guhanahana amakuru kandi ku gihe mu rwego rwo gukumira ibyaha bitaraba.
- b. Gutungira ubuyobozi agatoki ku muntu wese ukeka ko yenda gukora icyaha cyangwa se yaba yaragikoze akaba ashakishwa.
- c. Kuzuza uko bikwiye ikaye y'umudugudu kugira ngo hatagira abanyabyaha bihisha mu baturage
- d. Kwitabira no gukangurira abandi gahunda za Leta nk'umuganda n'ibindi no gukunda Igihugu
- e. Gutegura no gukoresha inama zijyanye no kwicungira umutekano
- f. Gukora amarondo uko bikwiye

## **UMWANZURO**

Umutekano niwo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu mu nzego zose, ntiwagerwaho rero hatabayeho ubufatanye bw'abaturage na polisi y'Igihugu cyane cyane ko hataboneka umupolisi wo kurinda buri rugo, ubufatanye rero nibwo bwa ngombwa mu gukumira no kurwanya icyahungabanya umudendezo w'Igihugu.

### **Ibindi byakwifashishwa**

- a. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda (**Art 170-171**)
- b. Itegeko **N°09/2000** ryo ku wa **16/06/2000** rishyiraho Polisi y'Igihugu
- c. Ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa **10/10/2007** yemeza Committes za community Policing(CPC's)
- d. Amabwiriza **N°02 yo ku wa 18 Ukwakira 2007** ya Minisitiri w'Umutekano
- e. mu gihugu ashiraho Komite za Community Policing.
- f. Police code of conduct

### ***Indirimbo za Police jazz band***

- Rwanda songa mbere
- Tuzarwubaka
- Rwanda yacu amaboko yacu azagukorera

## V. URUHARE RW'AMATORA MUNZIRA YA DEMOKARASI

### V.1. Intangiriro

U Rwanda ni Igihugu cyiyubatse nk'Igihugu mu kinyejana cya cumi na gatanu (XVe S.) ku ngoma y'Umwami RUGANZU I BWIMBA ari nawe wahuje U Rwanda rukagira ubutegetsu bumwe nyuma y'ingoma z'Abahinza n'Abami b'Imishumi. Amatora ni mashya ugereranyije n'igihe u Rwanda rumaze ruriho nk'Igihugu, gifite inzego z'ubutegetsu, kizwi n'andi mahanga ahana imbibi nacyo. Amatora yadukanywe n'abanyamahanga, bayaha isura ya demokarasi nk'uko byavugwaga iwabo.

Amatora yatangiriye mu gihugu cy'Ubugereki (Athenes) ahagana mu kinyejana cya VI mbere y'ivuka rya Yezu agamije guha abatwaga kwiyobora no kugira uruhare mu mitegekere y'Umurwa batwaga. icyo gihe batwaga bakoresha tombola kuko bumvaga umuntu wese afite ubushobozi kandi si abantu benshi batwaga, ndetse hari n'igihe cyageze kugira ngo umuntu atore akabanza gutanga amafaranga. Bigaragara ko abategekaga icyo gihe babaga ari abifite, bikaba n'uburyo bwo gukomeza kongera imitungo yabo.

Iyi nyandiko iribanda ku matora yagiye aba mu bihe bitandukanye by'imitegekere y'u Rwanda byashyirwa mu bice bine bikurikira :

1. U Rwanda mu gihe cy'Ingoma y'Ubwami (1200 - 1895)
2. U Rwanda mu gihe cy'Ubutegetsu bwa gikoloni (1895-1962)
3. U Rwanda mu gihe cya Repubulika iya mbere n'iya kabiri (1962-1994)
4. U Rwanda nyuma ya jenocide yakorewe Abatutsi (1994- ....)

### V.2. Intego zihariye

- a. Gusobanura demokarasi icyo ari cyo n'uko amahame yayo ashirwa mu bikorwa;

- b. Kugaragaza amahame agenga imiyoborere myiza n’uko akwiye kubahirizwa;
- c. Kugaragaza uruhare rw’Abaturage muri demokarasi;
- d. Kugaragaza uruhare rw’inzeho zinyuranye mu gufasha Abaturage kuzuza inshingano basabwa
- e. Kugaragaza impamvu buri Munyarwanda agomba kugira uruhare mu matora.
- f. Kugaragaza uruhare rw’amatora mu gushimangira demokarasi.

### V.3. Ibigize ikiganiro

- 1. Ibisobanuro by’amagambo
- 2. Isano y’amatora na demokarasi
- 3. Uburyo demokarasi ishyirwa mu bikorwa
- 4. Amatora icyo ari cyo
- 5. Amateka y’amatora n’uburyo yakorwaga mu Rwanda
- 6. Uruhare rw’umuturage mu matora
- 7. Ingaruka z’amatora akozwe nabi
- 8. Imiyoborere myiza

#### V.3.1. Ibisobanuro by’amagambo

- a. **Umuturage** : Umuntu utuye Igihugu nka nyiracyo, ufite isano gakondo nacyo. By’umwihariko ku Rwanda, ni Umunyarwanda w’umwenezi ufite uburenganzira ahabwa n’Amategeko ndetse n’inshingano asabwa kuzuza hakurukijwe icyo ayo mategeko akena, yaba atuye mu Rwanda cyangwa mu mahanga. ***Bumwe muri ubwo burenganzira ni ubwo kwitorera abamuyobora no kuba nawe yakwiyamamaza, agatorwa akajya mu nzego ziyobora.***

Umuturage niwe shingiro ry’igenamigambi na gahunda z’ibikorwa bigamije iterambere buri gihugu gishyira imbere

**b. Demokarasi:** Demokarasi isobanurwa kwinshi ari ko icyo benshi bahuriraho ni igisobanuro cyatanzwe na *Abraham Lincoln* wigeze kuyobora Leta Zunze Ubumwe z’Amerika (1851-1865). Yagerageje guhuriza hamwe ibyo abahanga banyuranye bavuze kuri demokarasi ugenekereje abishyira muri aya magambo: **“Demokarasi ni ubutegetsu bw’Abaturage, butangwa n’Abaturage, bukorera Abaturage”**. Ni ubutegetsu bw’Abaturage bishyiriraho kugira ngo bubakorere.

i. **Ubutegetsu bw’Abaturage:** Abayobora bava mu baturage

ii. **Ubutegetsu butangwa n’abaturage:** Abayobora bashyirwaho nabo

iii. **Bukorera Abaturage :** Abayobora bahabwa inshingano bagomba gushyira mu ubikorwa ku nyungu za Rubanda

Ibi bisobanura ko Abaturage ari bo bene ubutegetsu, ko ari bo bubereyeho, ko aribo bafite ububasha bwo kubushyiraho no kubukuraho; ko aribo Bene Ijambo.

### V.3.2. Isano y’amatora na demokarasi

Amatora ni uburyo bukoreshwa n’Abaturage mu guhitamo bamwe muri bo ngo babayobore cyangwa ngo babahagararire mu nzego zifata ibyemezo. Amatora ni imwe mu nkingi ishimangira demokarasi, akaba n’ihame rikomeye rya demokarasi kuko ari urubuga abaturage bagaragarizamo uburenganzira bwabo bwo kwigenera uko bayoborwa n’ababayobora. Ni mu matora abaturage banyura ngo batange ubutegetsu nk’indangizo k’uwo bahisemo kuko ari bo benebwo. Abatowe nabo bakorera mu nzego zigenwa n’amategeko.

Muri demokarasi, Abaturage ni bo bashyiraho ababategekera, bakabikora binyuze mu matora cyangwa ubundi buryo bagena bemeranijeho. Babuha/baburagiza bamwe muri bo babona ho ubushobozi buhagije bwo kurangiza neza inshingano babahaye.

Kuba Abaturage ari bo bene ubutegetsi bakaburagiza uwo bihitiyemo, ni ngombwa ko abatoranijwe bagashingwa imirimo y'ubuyobozi bagomba kuyikora neza mu nyungu z'abayibashinze kandi bagahora biteguye kubamurikira ibyo bakoze, ibyo bashoboye kugeraho n'ibyabananiye. Iyi niyo demokarasi nyakuri.

Kutemeranya n'abayobozi si ukurwanya gahunda baba barimo ahubwo ni uko ziba zidahuye n'inyungu z'abagenerwabikorwa (*Loyalty doesn't mean agreeing with every thing the leader says*)

### **V.3.3. Uburyo demokarasi ishyirwa mu bikorwa**

Hari uburyo butandukanye demokarasi ishyirwa mu bikorwa aribwo bukurikira:

**Uburyo butaziguye** (Direct democracy) : Abaturage bose bagira uruhare mu rwego barimo. Ikoreshwa iyo abantu ari bake. **Urugero** : Njyanama y'Umudugudu.

**Guhagararirwa** (representation) : Abantu baba ari benshi ku buryo gufata ibyemezo byaruhanya. Bitoramo ababahagararira mu rwego rufata ibyemezo. **Urugero** : Inama njyanama zinyuranye, Inteko ishingira amategeko, etc.

Muri uko guhagararira Abaturage, imikorere igomba kurangwa n'ihame ryo kwemera kujya impaka zubaka (contradictory debat) : ibi bikagararira mu :

**Kubaha ibitekerezo binyuranye** no gushobora kubitanga ntacyo umuntu yishisha, mu bwisanzure (respect of diversity in opinions and exchange of views freely);

**Ubwumvikane** (consensus) : Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka igafatwaho umwanzuro ku buryo bwemeranijweho (ibi bikoreshwa mu Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda ndetse no mu nteko rimwe na rimwe).

### V.3.4. Amatora icyo aricyo

Amatora asobanurwa mu buryo bukurikira :

- a. Bumwe mu buryo abaturage bakoresha kugira ngo bagire ijamba mu buyobozi bwabo ni ukubushyiraho binyuze mu matora. **Amatora** muri rusange ni uburyo bwo **guhitamo**. Ku bijyanye no gushyiraho ubuyobozi, abaturage bakoresha gutora kugira ngo bahitemo abayobozi bifuzako babayobora.
- b. Tuzi ko itora ari igikorwa gituma habaho guhitamo binyuze mu matora. Mu guhitamo abayobozi, umuturage ku giti cye cyangwa afatanije n'abandi bafite inyungu bahuriyeho, batora abayobozi ku giti cyabo cyangwa imitwe ya Politiki babona izabageza ku nyungu zabo mu gihe runaka. Itegeko n'amabwiriza bigenga amatora runaka bigenga igihe amatora abera n'igihe abatowe bazamara ku buyobozi (mandat). Muri icyo gihe abatowe bamara ku buyobozi abaturage baba bakurikiranira hafi imikorere yabo cyangwa umutwe wa Politiki batoye mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiba byarasezeranijwe abatora. Mu miyoborerere myiza abatowe bafatanyaga n'abatoye mu bikorwa bikorerwaga abaturage.
- c. Iyo igihe cy'abayobozi batowe kirangiye, abatora bongera guhabwaga umwanya wo kongera gutora, iyo bakoze neza babasubizaho, baba batararangije inshingano zabo neza bagatora abandi bashyamba babasimbura. Ingingo ya 180 y'Itegeko Nshinga iha Inshingano Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gutegura no kuyobora amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika, aya Referendumu n'ay'abandi yagenwaga n'itegeko. Mu gutegura ayo Matora atandukanye, hashingirwaga ku Mategeko n'Amabwiriza. Ayo mategeko ashimangiraga amatora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure.

### V.3.5. Amateka y'amatora n'uburyo yakorwaga mu Rwanda

Mu mateka y'isi amatora yagiye ategurwaga akanayoborwaga mu buryo

butandukanye bukurikira :

- a. Mu mateka y'amatora ku isi bavuga ko yatangiriye mu gihugu cy'Ubugiriki mu kinyejene cya gatanu mbere y'ivuka rya Yezu. Ku bera ko bibwiraga ko buri muturage afite ubushobozi bwo kuyobora, uburyo bwakoreshwaga bwari tombora.
- b. Uko ubuyobozi bushingiye ku mahame ya Demokarasi bwagiye bushinga imizi ni nako amatora yagiye asakara mu bihugu binyuranye ku isi mu bihe binyuranye. Niyo mpamvu biboneka ko amatora amaze gutera intambwe mu bihugu bw'Uburayi n'Amerika y'Amajyaruguru kurusha muri Afrika.

By'umwihariko, mu Rwanda habaye amatora anyuranye mu bihe bitandukanye. Ni muri urwo rwego, dushingiye ku bihe bitandukanye by'imitgekere y'u Rwanda, twavugaga mu ncamake kuri ibi bukurikira :

- a. Amatora ku ngoma y'Umwami
- b. Amatora mu gihe cy'ubutegetsu bwa gikoloni;
- c. Amatora mu gihe cya Repulika ya mbere n'iya kabiri
- d. Amatora nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi

### **V.3.5.1. Amatora ku ngoma y'umwami (1200-1895)**

Nta matora nk'ayo muri iki gihe tuzi yabagaho, ariko habaga gutoranyaga abayobora, bigakorwaga n' Abiru babihereye ububasha. Umwami yatorwaga n'Abiru, Abatware batoranywaga n'umwami ashingiye k'ubushobozi n'ubushishozi abaziho, by'umwihariko ku batware b'ingabo icyashingirwagaho ni ubutwari n'ibigwi babaga baragaragaje ku rugamba. Umugabekazi yatoranywaga binyuze mu nzira nyinshi ariko abapfumu bari babifitemo uruhare rukomeye. Ariko ibi byose byakorwaga hashingiwe kuri "Code Esotérique", iyi code twayigereranya n'Itegeko Nshinga.

### **V.3.5.2. Amatora mu gihe cy'ubutegetsu bwa gikoloni (1895-1962)**

Amateka y'amatora mu Rwanda akubiye mu bisobanuro kuburyo bukurikira :

- a. Nk'uko bizwi amatora ni imwe mu nkingi za demokarasi akaba n'amwe mu mahame ayiranga. Birumvikana ko ubutegetsu bugendera ku matwara ya mpatsibihugu binyuranyije na demokarasi nta matora yabaho cyangwa ngo avugwe.
- b. Mu Rwanda si ko byagenze kuko haje kuba amatora. Byatewe ni iki ngo iyo mikorere idasanzwe ishoboke? Mu gihe cy'intambara ya mbere y'Isi (1914-1918), Ubudage bwirukanywe mu Rwanda n'Ababiligi (1916). Intambara irangiye hagiyeho Umuryango Mpuzamahanga (SDN=Société Des Nations) maze ugaba ibihugu byari bikolonijwe n'Ubudage kuko bwari bumaze gutsindwa kandi bushinjwa kuba ari bwo bwashoje intambara y'Isi. U Rwanda muri iyo gahunda rwaragijwe Ububiligi ariko butegeka u Rwanda nk'aho ari koloni yabwo.
- c. Nyuma y'intambara ya kabiri y'Isi Umuryango Mpuzamahanga wasimbuwe n'Umuryango w'Abibumbye maze usaba Ububiligi gukora ku buryo Abanyarwanda bahabwa ububasha bwo kwiyobora mu gihe bazaba basubiye kwigenga. Ni muri urwo rwego kuwa 14 Nyakanga 1952 hasohotse Itegeko-Teka rya Guverineri wa Ruanda-Urundi, Jean paul Harroy, ryateganyije amatora y'Abajyanama ku nzego za Susheferi, Sheferi, Teritwari no ku rwego rw'Igihugu. Amatora yabaye mu mwaka ukurikiye wa 1953.

Aya matora y'abagize Inama ya Susheferi, abakandida, icyo gihe bitaga inyangamugayo (notables), batoranywaga na Sushefu ubwe agashyikiriza urutonde rwabo Adiminisitarateri wa Teritwari akabemeza. Urwo rutonde ni rwo rwashyikirizwaga abaturage ngo batoremo abajyanama ba Susheferi.

**Icyitonderwa :** N’ubwo bigaragara yuko habagaho amatora, ntitwavuga ko yashimangiraga demokarasi, kuko nta demokarasi iba mu bukoroni. Urebye aya matora uko yategurwaga n’uko yakorwaga byari amatora aziguye kandi abaturage basanzwe batagiragamo uruhare rugaragara kuko abayobozi ari bo bishakiraga abakandida kandi akaba ari nabo bitoramo.

Ku bijyanye n’uburinganire bwo ntawagira icyo abivugaho kuko kugeza izo Nama ziseswa nta mugore n’umwe wabaye Sushefu cyangwa ngo abe Shefu. Birumvikana ko no mu nama nnyanama ntabarimo. Mu 1956, Guverineri Harroy yavuguruye Itegeko-Teka ryo kuwa 14 Nyakanga 1952 rigenga amatora y’Inama za Susheferi, Sheferi na Teritwari, hajyamo ingingo ivuga ko abaturage bose batanga umusoro ari bo bafite uburenganzira bwo gutora inyangamugayo zitorwamo abajyanama aho kuba Sushefu ubitorera nk’uko byari byarakozwe mu matora yo muri 1953.

Muri rusange aya matora yakozwe nta ruhare rugaragara abaturage bari bayafitemo, hakorwaga icyo abakoloni bashatse ndetse hagaragaramo n’ivangura kuko nko muri ririya tegeko ryo muri 1956 rivuga ko abatanga umusoro gusa ari bo batora Inyangamugayo, abagore n’abandi batari bafite ubushobozi bwo gutanga uwo musoro, bari bahejwe mu batora . Ntawavuga ko ayo matora yagenderaga ku mahame aranga demokarasi nk’uko ubundi bigomba kugenda.

Nyuma y’Urupfu rw’Umwami MUTARA WA III RUDAHIGWA havutse amashyamba ya politiki. Ayari ku isonga yari UNAR, PARMEHUTU, RADER na APROSOMA. Mu mwaka wa 1960, hashyizweho ivugururwa ry’ubutegetsi hajyaho amakomini hategurwa n’amatora y’aba Burugumesitiri n’Abajyanama ba komini yakozwe hagati y’amatariki ya 26 Kamena na 30 Nyakanga 1960.

Nyuma ya “*Coup d’Etat*” yabereye i Gitarama ku wa 28 Mutarama 1961 yakuyeho Ubwami igashyiraho Repubulika, MBONYUMUTWA Dominique akaba Perezida wayo w’agateganyo na KAYIBANDA Grégoire

Minisitiri w'Intebe; tariki 27 Mata 1961, Umuryango w'Abibumbye wafashe umwanzuro 1605 wasabaga ko hakorwa amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko na referandumu yo kwemeza niba Abanyarwanda bashaka Repubulika, Ubwami bukavaho n'Umwami KIGELI V NDAHINDURWA.

Amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko yarateguwe akorwa tariki 25 Nzeli 1961. Ishyaka rya PARMEHUTU riyatsinda ribonye **77.7%**, UNAR ibona **16.8%**, APROSOMA **3.5%** naho RADER ibona **0.3%**.

Mu matora ya referandumu, yiswe “Kamarampaka”, nayo yarakozwe kuri uwo munsu, abayitabiriye bemeza kuri 80% ko Ubwami buvaho. Ku wa 26 Ukwakira 1961 abagize Inteko Ishinga Amategeko batoreye KAYIBANDA Grégoire kuba Perezida wa Repubulika. Urebye uko ayo matora yategurwaga n'uko yayoborwaga, nta bwisanzure Abaturage bari bafite mu buryo bwo gutora kuko wasangaga bahagarikiwe n'abasirikare b'Abanyekongo bayobowe na Colonel Logiest; ntiyakorerwaga mu mucyo cyane cyane ko nta n'uwashoboraga kubakoma imbere kuko Umwami bari baramumenesheje.

Amatora mu gihe cy'Ubutegetsu bwa Repubulika ya I&II (1962-1994): Kuri Repubulika ya I, Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyngiye 1963 ryateganyije amatora y'abayobozi ba Komini ari bo ba Burugumesitiri n'Abajyanama. Iryo tegeko ryabahaga manda y'imyaka ine. Amatora rero yagiye aba ariko ugasanga uruhare rw'abaturage rugarukira ku gutora gusa kuko abakandida bagenwaga n'ubutegetsu.

Muri Repubulika ya II naho amatora yarateguwe uherye kuri referandumu y'Itegeko nshinga yakozwe kuwa 19/12/1976 yemeza ko U Rwanda rugendera ku Ishyamba rimwe rukumbi rya MRND ko nta mashyamba yandi yemewe gushingwa mu Rwanda. Iri Tegeko Nshinga ryarahinduwe muri 1978 binyuze muri kamarampaka rihabwa Perezida Habyarimana kwitwaga ku nshuro ya mbere aho yari we mukandida wenyine kuko umukandida yagombaga gutangwa n'Ishyamba, abakandida bigenga batemerewe kwiyamamaza, kandi Ishyamba ryari

rimwe rukumbi ari naryo riri ku butegezi( MRND).

Ku bijyanye n’imiyoborere, abayobozi ba komini ntibongeye gutorwa kuko **Itegeko-Teka ryo kuwa 26 Nzeli 1974** ryahinduye itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 (ingingo ya 38), ryemeza ko Burugumesitiri ashwirwaho na Perezida wa Repubulika abisabwe na Minisitiri ushinze Ubutegezi bw’Igihugu. Ibi byatumye ba Burugumesitiri baba ibigirwamana kuko bibonaga muri Perezida wabashyizeho, bakamubera ijisho aho gukorera abo bashinzwe kuyobora. Byatumaga, aho kuba Abayobozi bahinduka Abategezi.

Muri rusange muri ibi bihe byose byavuzwe, amatora yarategurwaga akayoborwa n’urwego rushinzwe ubutegezi, ari narwo rwagenaga abatorwa. Aya matora ntiyashoboraga gukorwa mu mucyo, mu bwisanzure n’umudendezo bitewe n’uko Leta zayateguraga zigamije kugaragara neza mu mahanga aho kuyashingira k’ubushake bwo guha abaturage ijambo nk’uko muri demokarasi bigenda. Ikindi ni uko abatorwaga bibonaga ku bayobozi bakuru, bagakurikiza ibyifuzo byabo aho gushishikazwa no gushyira mu bikorwa ibyifuzo bya rubanda.

### **V.3.5.3. Amatora nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi (1994)**

Nyuma y’uko hemejwe politiki yo kwegereza ubuyobozi n’ubushobozi Abaturage, hateguwe amatora y’abayobozi b’inzego z’ibanze ku rwego rwa Serire na Segiteri muri nzeli 1999. Aya matora yateguwe kandi ayoborwa na Minisitiri y’Ubutegezi bw’Igihugu n’Inzego zayo.

Nk’uko byari biteganijwe mu Masezerano y’Amahoro y’Arusha yashyizweho umukono kuwa 4 Kanama 1993, mu gice cy’igabana ry’Ubutegezi mu ngingo ya 24-c, hashyizweho Komisiyo y’Igihugu y’Amatora, ishvirwaho n’Itegeko no 39/2000 ryo kuwa 28 Ugushyingo 2000. Itegeko Nshinga rya Repubulika y’U Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavugururwe kugeza ubu, mu ngingo y’180, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora ihabwa inshingano zo gutegura no kuyobora amatora yose kuwa ku rwego rw’Umudugudu kugeza ku matora ya

Perezida wa Repubulika.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora bwa mbere muri werurwe 2001. Aya matora yari ay'Inzego z'Ibanze nyuma y'ivugururwa ry'izo nzego havaho Komini igasimburwa n'Akarere ndetse hakajyaho Inama Njyanama y'Akarere na Komite Nyobozi. Ayo matora yose yayobowe abaturage bose bagizemo uruhare kandi bagaragaza ubwitange mu kuyategura no kwitorera ababayobora aribyo byagaragaje isyirwa mu bikorwa ry'ihame rya demokarasi aho abaturage bagira uruhare mu kwisyiriraho abayobozi binuye mu matora ari nabyo bituma habaho imiyoborere myiza iganisha ku iterambere rirambye.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amatora Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye kuva igiyeho kugeza ubu.

**AMATORA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA YAYOBOYE N'UKO YITABIRIWE (2001-2014)**

<b>IGIHE YABEREYE</b>	<b>INZEGO ZATORWAGA</b>	<b>ABARI KURI LISTE</b>	<b>ABATOYE</b>	<b>IJANISHA</b>
Mutarama-Werurwe 2001	Inama Njyanama z'Uturere Komite Nyobozi z'Uturere	3,339,074	3,207,381	96.06
Mutarama - Werurwe 2002	Komite nyobozi z'Utugari	3,172,075	2,591,089	81.68
	Inama Njyanama z'Imirenge	146,640	137,723	93.92
	Komite nyobozi z'Imirenge	146,640	137,723	93.92
Gicurasi 2003	Referandum y'Itegeko nshinga	3,863,965	3,472,200	89.86
Kanama 2003	Perezida wa Repubulika	3,948,749	3,812,567	96.55
Nzeli 2003	Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite	3,958,058	3,818,603	96.48
Ukwakira 2003	Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena			
Mutarama - Werurwe 2006	Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere	4,136,645	3,760,148	90.90
	Njyanama z'Imirenge			
	Njyanama z'Utugari			
	Komite nyobozi z'Imidugudu	4,136,645	3,876,897	93.72

<b>IGIHE YABEREYE</b>	<b>INZEGO ZATORWAGA</b>	<b>ABARI KURI LISTE</b>	<b>ABATOYE</b>	<b>IJANISHA</b>
Nzeli 2008	Inteko ishingamamategeko, Umutwe w'Abadepite	4,769,228	4,705,945	98.67
Kanama 2010	Perezida wa Repubulika	5,178,492	5,049,302	97.51
Gashyantare - werurwe 2011	Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere/ Umujyi wa KIGALI	5,411,740	5,065,389	93.60
	Njyanama z'Imirengere			
	Njyanama z'Utugari			
	Komite Nyobozi z'Imidugudu	5,411,740	4,713,691	87.10
Nzeli 2011	Amatora y'Abasenateri			
Nzeli 2013	Amatora y'Abadepite			

***Aya matora yose Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye, mu bwigenge busesuye n'ubufatanye n'izindi nzego ziyobora Igihugu n'abaturage muri rusange, haba ku baturage bari mu gihugu imbere n'ababa mu mahanga.***

Usibye amatora y'Inzego z'ubuyobozi zisanzwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yanayoboye mu bihe bitandukanye andi matora y'inzego Ubuyobozi bw'Igihugu bwayishinze kuyobora. Ayo ni aya akurikira:

- a. Ku matariki ya 04-07 Ukwakira 2001 : Amatora y'abagize Inzego z'inkiko gacaca
- b. Ku wa 12 Nyakanga 2004: Amatora y'abagize komite z'Abunzi

ku rwego rw'Imirenge. Yongye kuyobora amatora y'izi komite muri 2006, 2008, 2010 ku rwego rw'utugari n'imirenge.

- c. Kuva 12-16 Nyakanga 2004: Amatora y'abagize Inama y'Igihugu y'Abagore n'iy'Urubyiruko. Uko manda y'imyaka itanu izo nzego zihabwa yabaga irangiye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'izo nzego.
- d. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye kandi amatora y'abagize Inama y'Igihugu y'Abantu babana n'Ubumuga muri 2006 na 2011.


Aya matora yose Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayayoboye yisunze amahame akubiye mu Itegeko Nshinga mu ngingo ya **2** n'ya **8** n'ayo ubwayo yishyiriyeho yiyemeza kuyagenderaho, ay'ingenzi akaba ari aya akurikira:

- a. Kubahiriza amategeko;
- b. Gukorana ubuhanga n'ubushishozi;
- c. Kugira igenamigambi ry'ibikorwa no kugendera ku gihe;
- d. Kubahiriza uburenganzira n'ibyifuzo by'abatora;
- e. Gukorera mu mucyo.

### **V.3.6. Impamvu umuturage agomba kugira uruhare mu matora**

Kugira uruhare mu gikorwa runaka ni ukukigira icyawe, ukagitangamo umusanzu wawe kugira ngo kigerweho bidasubirwaho. Kugira uruhare mu matora bitangira kuva mu myiteguro yayo kugeza arangiye. Mu miyoborere myiza ho nk'uko twabivuze ni ugukoresha uburenganzira umuturage afite mu buyobozi ariko na none akuzuza inshingano asabwa.

Ishusho ibigaragaza :



Umuturage witabiriye amatora aba yujuje inshingano ze nk'umwenegihugu, akaba yihaye agaciro kuko aba akoresha uburenganzira afite mu gihugu mu kukigenera abayobozi bagikwiriye kandi bagomba kugikorera ngo kigere kw'iterambere nyakuri.

Iyo atitabiriye amatora aba yiyambuye uburenganzira bwe muri rusange kandi akaba atatiye inshingano ze nk'umuwenegihugu. By'umwihariko atakaza ibi bikurikira :

- a. Udatoye aha amahirwe uwo atashakaga kuba yatorwa, akayambura uwo yashakaga kandi yizeye ko azamuyobora neza cyangwa azamuhagararira nk'uko abyifuza ;
- b. Ashobora kuyoborwa nabi kandi yarafite uburenganzira bwo kwishyiriraho uwo yishimiye kandi aziho ubushobozi n'Ubunyangamugayo;
- c. Mu Rwanda by'umwihariko, Abaturage basabwa ibi bikurikira :
  - a) Kugira uruhare mu itegurwa ry' itegeko ry' itora;
  - b) Kwitabira kwiwandikisha kuri lisiti y'itora ;
  - c) Kugira uruhare mu kugena ahazatorerwa;
  - d) Kwitabira inyigisho z'Uburere mboneragihugu ku matora muri rusange n'imigendekere y'amatora by'umwihariko;
  - e) Gutunganya ibiro n'ibyumba by'itora;

- f) Gucunga umutekano w'ahatorerwa n'uw'ibikoresho by'itora;
- g) Kwitabira amatora ku munsu w'itora;
- h) Kugaragaza ibitagenda neza mu matora;
- i) Gushyigikira ibyavuye mu matora iyo ayo matora yakozwe yubahiriza ibiteganywa n'amategeko;
- j) Kubaha inzego n'abatowe no kubafasha kugera ku nshingano zabo.

### **V.3.7. Ingaruka z'amatora akozwe nabi**

Iyo amatora yakozwe nabi: kudategura abaturage, lisiti y'itora, ibikoresho nkenerwa mu matora, amatora adakozwe mu mucyo, kwiba amajwi y'abakandida, gucunga umutekano, ... Ibi byose bishobora kugeza ku ngaruka zikurikira:

- a. Imvururu
- b. Kutagirira icyizere ubuyobozi bugiyeho
- c. Kwigomeka ku butegetsi
- d. Imfu z'abantu.

### **UMWANZURO**

Nkuko byagaragaye haruguru demokarasi ishimangirwa n'amatora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure kandi agizwemo uruhare n'abaturage bese bitabira ibikorwa bitandukanye biyategura nko kwitabira kwikosoza kuri lisiti y'itora, kwitabira amahugurwa n'ibiganiro bitandukanye by'uburere mboneragihugu ku matora, kwitabira kwiyamamaza kw'abazatorwamo abayobozi, kwiyamamaza ubwabo, ndetse no kwitabira amatora nyirizina aho bitandukanye n'amatora twabonye ya mbere ya 1994.

Muri demokarasi Igihugu kigira amashyamba menshi atandukanye ari nabyo tubona mu Gihugu cyacu muri iki gihe, kuko twabonye ko

mbere habagaho ishyaka rimwe rukumbi kandi ibyo bikaba bitajyanye n'amahame ya demokarasi.

Abaturage bagira uruhare runini mu bikorwa by'amatora kuko amatora ari ayabo kandi akaba ari bo akorerwa n'ibiyavuyemo akaba ari bo bigirira akamaro batayagizemo uruhare rufatika baba biyambuye uburenganzira bwo kwigenera ababayobora no kubaha inshingano, bakaba bivukije umudendezo n'ubwisanzure busesuye mu kugena uko bayoborwa.

### **Ibindi byakwifashishwa**

- a. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora: Uburere Mboneragihugu ku matora mu Rwanda, 2002;
- b. National Electoral Commission: Building a bright future, National Civic Education Programme (NCEP) Facilitators' manual, 2007;
- c. Kagame Alexis : Un Abrege de l'Ethno-Histoire du Rwanda de 1963 à 1972, Tome 2; Butare, UNR, 1975.
- d. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora : Uburere mboneragihugu ku matora mu Rwanda. Kigali, Nzeri, 2002.
- e. Uruhare rw'inyigisho z'Uburere mboneragihugu mu kubaka Umunyarwanda mushya. Kigali, Gicurasi, 2008.
- f. Indirimbo (Kwitabira amatora, Demokarasi n'amatora)
- g. Amafoto atandukanye (Avuga ku mateka y'Urwanda n'amatora)
- h. Amashusho (Documentary clip)
- i. Ikinamico

## VI.URUHARE RW'UMUCO MU ITERAMBERE

### VI.1.Intangiriro

Abanyarwanda bakunda kuvuga bati “Agahugu umuco, akandi uwako.” Umuco ni wo uranga abantu bakomoka mu gace aka n’aka. Mu bihugu usanga bifite imico inyuranye, umuntu imyitwarire ye ituma bamutandukanya n’abandi bati uyu ni uyu n’uyu, akomoka mu gace aka n’aka, kuko afite umuco uyu n’uyu bitewe n’uko yitwaye.

Mu Rwanda ho, umuco w’Abanyarwanda ni umwe ku Munyarwanda utuye aho ari ho hose mu gihugu. Kuba umuco ari umwe, binatuma Abanyarwanda bagira imyumvire imwe ku iterambere ry’Igihugu cyabo. Gusa hari byinshi bikwiye gusigasirwa mu muco nyarwanda, mu gihe isi igenda irushaho gutera imbere, umuco w’Igihugu ushobora gucengerwa n’imico y’amahanga, maze urwo ruvagitirane rw’imico ugasanga rwakwangiza umuco nyarwanda.

Mu ndirimbo yubahiriza Igihugu, hari ahari interuro igira iti “Umuco dusangiye uraturanga...” Umuco nyarwanda, w’Abanyarwanda, ni wo ubaranga. Abahanga bavuga ko Igihugu kitagira umuco kizimira. Bityo ni ngombwa gusigasira umuco Nyarwanda, ukigishwa abakiri bato, kugira ngo batazahindurwa n’ibyo babona ku mateleviziyo y’amahanga ndetse na internet, bityo bagata indangagaciro z’umuco nyarwanda. Kirazira yatozwaga abana b’Igihugu kuva kera, maze bagakura bazi ko hari imyitwarire idakwiye mu muco nyarwanda, idakwiye ku Munyarwanda. Umuco w’u Rwanda ni wo nkingi yo kubakiraho iterambere ry’Igihugu.

Niyo mpamvu ababyeyi n’abarezi ari inshingano zabo guhora bagaruka ku muco ukwiye kuba uranga Umunyarwanda, bakababwira byinshi ubitse bijyanye na kirazira, bityo bigafasha gusigasira umuco w’u Rwanda uranga Abanyarwanda, bakawurinda uruvagitirane rw’imico y’amahanga kubera iterambere, uruvagitirane rwaterwa n’ibyo abana b’u Rwanda basoma cyangwa se babona nkuko byavuzwe hejuru.

Iyi ntero igira iti: *”Utarasigiwe umurage ntawo yazasiga”* yatangajwe n’ umuhanzi w’ umwanditsi w’ ikinamico Kalisa Rugano, mu kiganiro kirambuye yagiranye na Imirasire.com ku cyerekezo cy’ inganzo n’ ibihangano yahawe na Gihanga. Abanyarwanda dufite amahirwe yo kugira umuco duhuriyeho n’ururimi rw’Ikinyarwanda nk’ingobyi iwuhetse. Ibi bikaba byaba imbarutso y’iterambere rirambye.Ibyo byose bikatubabera nk’igicumbi shingiro cy’imihango n’imigenzo twemeranywaho, idufasha kubaho no kwitwara neza ndetse no gukora ibikwiye mu muryango wacu.

## **VI.2. Intego**

Iri somo rigamije guha Intore ubushobozi bwo guhindura imyumvire yazo no guhindura imyumvire y’Abanyarwanda hifashishijwe umuco nk’imwe mu nkingi iterambere ryubakiyeho.

Nyuma y’iri somo, Intore zizaba zishobora:

- a. Kurangwa n’indangagaciro na kirazira by’ umuco w’u Rwanda;
- b. Gusobanura no gukundisha Abanyarwanda n’abandi umuco w’u Rwanda;
- c. Gukemura ibibazo byugarije u Rwanda hifashishijwe umuco;
- d. Kwifashisha umuco nyarwanda mu gusigasira umuryango (family);
- e. Kubyaza umuco w’u Rwanda ubukire n’ubukungu;
- f. Kurwanya ingeso zisenya umuco n’ubukungu by’u Rwanda;

### VI.3. Ibikubiyemo

Ibikubiye muri iri somo ni ibi bikurikira:

1. Isobanurampamvu
2. Isobanurajambo
3. Umuco
4. Iterambere
5. Aho umuco uhurira n'iterambere
6. Iterambere rishingiye ku muco w'Igihugu
7. Zimwe mu nkingi fatizo z'umuco nyarwanda
8. Inganda ndangamuco
9. Ibyakorwa kugira ngo umusaruro ushingiyeye ku muco wiyongere
10. Ku rwego rw'Igihugu
11. Ku rwego rw'Akarere cyangwa ikiciro abahuguwe barimo
12. Zimwe mu ngeso zidindiza iterambere zikwiye gucika
13. Umwanzuro

#### VI.3.1. Ibisobanuro by'amagambo


##### VI.3.1.1. icyo umuco w'u Rwanda ari cyo

- a. Umuco w' u Rwanda ni umurage twasigiwe na ba sogokuruza ugenda urandaranda uko ibihe biha ibindi, ukaba warahaye Abanyarwanda indangamuntu ibatandukanya n'abandi;
- b. Umuco w' u Rwanda ni uruhurirane rw'uburyo n'ubushobozi butuma abantu bubaka amateka y'imibereho n'imibanire byabo bahereye ku bumenyi bakomora ku basekuru n'abasekuruza babo. Umuco ukubiyemo ibi bikurikira:

- a) Ibitekerezo,

- b) Imibereho
- c) Imikorere n'ibikorwa.
- d) Ibyo abantu bemera,
- e) Ubugeni n'ubuhanzi,
- f) Amategeko,
- g) Imihango,
- h) Imigenzo imiziririzo
- i) N'ibindi abantu bagenda baherekanya.

### Uruziga rugaragaza ibishobora kugira umuco



**Umurage gakondo** : karande irandaranda uko ibisekuruza bigenda bihererekanya ibiganza.

**Ibihangano** : Ni ibihangwa, ibivumburwa bituma umuco utazima kuko wiyuburura, ugakura. Ni ibishya ariko ibyo bishya bigomba kuba ari byiza kandi byimakaza umuco wo gukunda Igihugu no kugiteza imbere.

**Ibitirano** : Ibyo dutira mu mico y'ahandi. Si ukumira bunguri, ni ugushishoza. Ingero: imyambarire y'urukozasoni, filime zamamaza ubusambanyi, ibiyobyabwenge, ababana bahuje ibitsina...

## Icyitonderwa

Mu bigize gakondo, hari ibiba bitakijyanye n'igihe umuryango ugezemo biba bigomba gukurwaho. Urugero: imigani y'imigenurano itesha agaciro umugore (nta nkokokazi ibika isake ihari, uruvuze umugore ruvuga umuhoro . . .). Mu byo dutira mu mico y'ahandi nabyo si ukumira bunguri, ni ugushishoza. Ingero: imyambarire y'urukozasoni, filime zamamaza ubusambanyi, ibiyobyabwenge, ababana bahuje ibitsina...

### VI.3.1.2. Iterambere

Iterambere ni intambwe igana:

- a. Ku buzima bwiza kandi buramba
- b. Ku bumenyi bukemura ibibazo
- c. Ku kwihaza mu bikoresho nkenerwa bya buri muni

Iterambere rishingira :

- a. ku mutungo kamere: ibinyabuzima, ubutaka, umwuka, ibiyaga n'inzuzi
- b. ku bukungu buvuye mu nganda no mu bucuruzi
- c. Gutanga serivisi nziza kandi inoze
- d. ku baturage bafite imibereho myiza n'uburenganzira busesuye byose bigamije kugera ku muryango rusange ukataje mu buzima bwiza.

### VI.3.2 Aho umuco uhurira n' iterambere

Aho umuco uhurira n'iterambere ni aha hakurikira :

- a. Iterambere rishingiye ku muco w'Igihugu niryoro riramba kuko riza atari inzaduka
- b. Mu bihugu biteye imbere ku isi, cyane cyane ibyo muri Aziya (Ubushinwa, Ubuyapani, Singapuru...) iterambere ryabyo ryashingiye ku muco wabyo, binawusakaza hanze y'imbibi zabyo.

**Ingero : Igihugu cy'Ubushinwa**

- a) Resitora z'Abashinwa, ubuvuzi gakondo, karate n'indi mikino ibaranga...
- b) Ubukerarugendo ndangamuco bwinjiza amafaranga menshi (Forbidden city).
- c) mu bihugu biteye imbere ku isi, cyane cyane ibyo muri Aziya (Ubushinwa, Ubuyapani, Singapuru...)
- d) Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Ubwongereza, Ubuyapani n'Ubufaransa naho uhasanga inganda ndangamuco Muri Afrika hari Igihugu nka Nijeriya hari ubuhanzi bwa filimi bukomeye (Nijeriya)

Zimwe mu ingingo fatizo z'umuco w'u Rwanda:

- a. **Imyemerere** : Abanyarwanda bubahaga Imana mu buryo budashidikanywa, ndetse bakayita Imana y'i Rwanda. Bigaragarira mu buzima bwabo bwa buriminsi: mu mazina bitaga, mu migani bacaga, mu migenzo n'imiziririzo. Ibi byose byatsindagiraga iyi myemerere.
- b. **Gukunda Igihugu** : Gukunda Igihugu yari inshingano ya mbere ya buri Munyarwanda, niyo mpamvu uyu mucu watumaga habaho abacengeri bakoraga umurimo w'ubutasi mu gihugu cy'umwanzi byaba ngombwa bakahasiga ubuzima. Niho havuye imvugo igira iti: "Wanga guha Igihugu amaraso, imbwa zikayanywera ubusa". Hari n'Indirimbo y'indahemuka ayi ye ni murambe urungano ruhuye rw'abana b'u Rwanda igira iti reka mbabwire ikiruta ikindi ni Nyina w'Umuntu ariko Igihugu cyawe kikaruta byose.
- c. **Imyitwarire**: kudahemuka, kudasiga izina ribi aho wabaye, ubupfura, kwiramira, kubana, kwihangana no gukomeza umutsi, gukunda akarusho no kwirinda ubugwari (Ibyivugo, amazina: Imbanzarugamba, Imbungiramihigo, Rudahunga, Ruzirabwoba...)

- d. Ubuyobozi:** Buri muyobozi yarahiriraga ko azitangira Igihugu byaba ngombwa akakimenera amaraso, akagira n'inshingano zo kugirira akamaro abo ayobora kugira ngo bagire imibereho myiza. Ni yo mpamvu Umwami bamutongeraga.
- e. Umuryango n'uburere bw'abana:** umuryango mugari w'abantu wari urenze inzu. Uburere bwari ubwa buri wese. Umuryango ukereka umwana umurongo w'imyitwarire fatizo, hagira uwutezuka agahanwa.

### **Icyitonderwa**

Muri iki gihe ikigaragara ni uko ababyeyi bataye inshingano zabo zo kuba abarezi, ibyo bigaterwa n'urwitwazo rwo kubura umwana kubera akazi, amashuri. umwana agasa n'aho yahariwe abakozi bo mu rugo n'abarimu. N'umuryango mugari wateshejwe inshingano yo kurera. Umuryango Nyarwanda ukwiye gushyira imbaraga muri gahunda.

Mbere 1994 umuco w' u Rwanda wakomwe mu nkokora, indangagaciro zirahonyorwa; ingaruka ziba amacakubiri, akarengane, ubwicanyi, ubuhunzi. Muri jenocide yakorewe abatutsi byababaye indengakamere.

Umuco wagize uruhare runini mu rugamba rwo kubohora Igihugu. Ingero : guhuza abanyarwanda, kugaragaza isura nziza y'u Rwanda.

### **VI.3.3 Gahunda za leta z'indashyikirwa zishingiye ku muco (inyito n'imigenzo ya kinyarwanda).**

Aho Umuryango FPR-INKOTANYI uhagarikye jenoside hakajyaho Leta y'Ubumwe bw'abanyarwanda, umuco wasubijwe agaciro ujya mu nkingi zakwihutisha gahunda za Leta bityo gahunda nyinshi zishingiye ku muco zashyizweho kandi zihutisha iterambere kuko Abanyarwanda bazumvise vuba, barazitabira.

**Ingero:**

- a. Mu butabera :** Gacaca n’abunzi
- a. Mu mibereho myiza :** Gira inka, Ubudehe, Akarima k’igikoni, Ubwisungane, Guca nyakatsi Kuremera abatishoboye
- b. Mu bukungu n’ibikorwa remezo :** Umuganda, Imihigo, Agaseke, Kwita izina Ingagi, Agaciro “development fund”
- c. Kubungabunga Umuco nyarwanda n’Indangagaciro zawo**
  - a) Gushyiraho amategeko arengera umuco nyarwanda na Politiki y’Igihugu y’umuco
  - b) Gushyiraho Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco
  - c) Gushyiraho Urwego rushinzwe Intwari z’Igihugu, Imidari n’Impeta by’Ishimwe
  - d) Itorero ry’Igihugu
  - e) Guteza imbere Ingero Ndangamurage
  - f) Guteza imbere umuco wo gusoma no kwandika : Isomero ry’Igihugu (umuco wo guca ubujiji)
  - g) Umuco wo kugira isuku
  - h) Kuba u Rwanda rwaratoranyijwe kuba igicumbi cy’umuco wa Afurika( FESPAD)
  - i) Umuco wo gutabara abaturanyi(gahunda y’ijisho ry’umuturanyi, Darifuru , Hayiti, Mali...)
  - j) Umuco wo kuba Indashyikirwa (Ingabo z’u Rwanda na Polisi Darifuru)

**VI.3.4 Inganda ndangamuco**

Inganda ndangamuco ni inganda zibyaza umusaruro umuco w’Igihugu , runaka, bikazanira inyungu ababikora n’Igihugu. Inganda ndangamuco zose zihuriza mu kurengera umutungo bwite mu by’ubwenge bushingiye ku muco (“intellectual property”).

Inganda ndangamuco zikubiyemo ibi bikurikira : Ubukorikori, sinema, ubugeni mbonerajisho, imbyino, radiyo, televiziyo, imbuga za interineti, ubwanditsi, ubuvanganzo (ubusizi, inkuru, ikinamico, inkuru ishushanyije. . . ), kwamamaza, imyidagaduro , ibitaramo, ubukererugendo ndangamurage n'ibindi.

### **Ingero z'inganda ndangamuco n'ubukerarugendo bukomatanyije**

- a. **Uruganda rushingiye ku gaseke** : Ni uruhererekane rw'imirimo: Ibikoresho Ababoshiyi, Abamamaza ibyakozwe bakabishakira isoko; Abacuruza, Ibikoresho, Ababoshiyi, Abamamaza ibyakozwe bakabishakira isoko, Abacuruza. Aba bose, iyo bigenze neza, ni abafite inyungu mu kuboha agaseke **Ububoshiyi** bw'agaseke bushobora gukorerwa ahantu ndangamuco, abaje kuhasura bakareba uko kabohwa, bakagura agaseke n'ibindi bikoresho, bakarya Kinyarwanda, bakareba ababyinnyi ndetse bakigishwa kubyina kinyarwanda n'indi mikino ya kinyarwanda, n'ibindi. Inganda ndangamuco zitanga imirimo kandi ugasanga zidasaba igishoro gihambaye.
- b. **Imbyino**: Amatorero y'ababyinnyi iyo akoze neza abayagize babona inyungu urugero Inganzo Ngari ibyinira 1,000,000 y'amafaranga y'u Rwanda.

### **VI.3.5 Ibyakorwa kugira ngo umusaruro ushingiyeye ku muco wiyongere**

- a. Aha ni ukwerekana ibyakorwa, ariko no kumenya uruhare abahugurwa babigiramo.

#### **Ku rwego rw'Igihugu :**

- a) Kurangiza inyigo yuzuye igaragaza ahakorerwa ubukerarugendo ndangamuco bukomatanyije;
- b) Gushyiraho inganda zita ku rurimi n'ubuvanganzo (inzu

ntangazanyandiko,...);

- c) Gushyiraho ingamba zihanye zigisha Abanyarwanda kuzigama no kudasesagura;
  - d) Gushishikariza Abanyarwanda kutagenda gusa ku byo abakurambere bakoraga. Bagomba kubongerera agaciro, bakabihuza n'igihe, ndetse bagahanga ibishya;
  - e) Gukangurira Abanyarwanda kumenya no gukoresha ikinyarwanda n' izindi ndimi z'amahanga zikoreshwa mu Rwanda mu buryo buboneye batazivangavanga.
- b. Umwihariko w'Akarere cyangwa icyiciro abahugurwa barimo:** Kumenya amahirwe ari mu karere abahugurwa barimo (ubukorikori, ubugeni, ururimi, ubuhanzi, imigirire itaboneka ahandi, amaresitora, ubuvuzi gakondo, ahantu ndangamuco, .)
- c. Ibyakorwa kugira ngo bibyazwe umusaruro
  - d. Ibiriho byakongererwa agaciro gute?

### VI.3.6 Zimwe mu ngeso zibangamira iterambere zikwiye gucika

Kudaha agaciro igihe : kutubahiriza isaha, gutinza ibintu, gukora ibintu impitagihe, guta umwanya mu bidafite agaciro (ibiganiro mu gihe cy'akazi, gutinda mu tubari, amakimbirane).

28.Kudafata umwanya wo gusoma cyangwa kwandika (ngo Abanyarwanda ntibasoma ibitabo basoma inzoga).

#### Umwanzuro

RUTEMBESA Faustin yagize ati umuco ni ikigega kirimo ibyo abantu baheraho baha agaciro imibanire yabo n'ubusabane bwabo; nibyo bitandukanya imbaga runaka n'izindi mbaga. Akamaro k'umuco ni uguha ireme imbaga. Ni nawo utanga inzira yo gutea imere imibereho myiza y'abo uhuza no gucyemura ibibazo bizanzwe n'ibidasanzwe.

Abanyarwanda duhuriye ku bwoko bumwe bw'Ubunyarwanda, dufite

umuco umwe wa Kinyarwanda, ururimi rumwe rw'ikinyarwanda n'Igihugu kimwe cy'u Rwanda. Duhange amaso umuco wacu udufashe kurushaho gutera imbere ari nako twihesha agaciro bityo turusheho kwigenga nyabyo. Kuko akimuhana kaza imvura ihise; abatoza rero turasabwa guhindura imyumvire tunafasha abanyarwanda guhindura imyumvire, yo kwishakamo ibisubizo bishingiye ku mucu wacu bizadufasha gukunda Igihugu no kurushaho kukitangira.

### **Ibindi byakwifashishwa**

#### **Indirimbo: INDIRIMBO Y'IGIHUGU CY'URWANDA**

Indirimbo y'Indahemuka ayiye ni murambe urungano rurahuye rw'abana b'u Rwanda

**Imigani : IGIHUGU KITAGIRA UMUCO NI NK'IGIHU CYAHOHA MU KIRERE**

URUTAGIRA MUKURU RURUMBA ARI INDARO

**Ibyivugo:** intwari yemeye kurinda ya nyirimbirima imbuga nayiteye mu gituzo cy'umuhizi abatinye bata ingabo abatware bati n'umugabo urururasanira ubudatuza wa rwitarika amasere ngombwa ya runihangabo iyo nnyakwegeka ingogo sinuzura n'inganizi.

**Quotations :** RUTEMBESA Faustin yagize ati umuco ni ikigega kirimo ibyo abantu baheraho baha agaciro imibanire yabo n'ubusabane bwabo; nibyo bitandukanya imbaga runaka n'izindi mbaga. Akamaro k'umuco ni uguha ireme imbaga. Ni nawo utanga inzira yo guteza imbere imibereho myiza y'abo uhuza no gucyemura ibibazo bizanzwe n'ibidasanzwe.

**Urugero :** GACACA yari mu mucu w'u Rwanda yafashije mu gucyemura ikibazo kidasanzwe cy'imanza z'abakoze jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994

**Ibitabo :**

- a. BIGIRUMWAMI A., *Imihango, imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Nyundo, 1974
- b. BIMENYIMANA J., *La Rwandisation de l'enseignement secondaire. Contribution à l'étude et à l'approfondissement des valeurs culturelles de marque à travers une vision rwandaise du monde pour l'éducation dans le secondaire, Rome, 1985 (Thèse de doctorat).*
- c. Inteko Izirikana, *Indangagaciro z'ingenzi mu muco nyarwanda*, Kigali, 2008
- d. Itorero ry'Igihugu, *Indangagaciro z'umuco nyarwanda mu iterambere*, Kigali, 2011
- e. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, *Uburere mboneragihugu ku matora mu Rwanda*, Kigali, 2002
- f. Ministry of Youth, Sports and Culture, *Shared values and promoting a culture of Peace in Rwanda*, Impremerie de Kigali, Kigali, 1998
- g. Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, *Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda. Imfashanyigisho Ibanza*, Kigali 2013
- h. MUKAMURENZI B., *Education aux valeurs ethique et culturelle dans le renforcement de l'identite rwandaise- Cas de la valeur d'Ubupfura, Huye, Décembre 2008 (Mémoire ISPC, Butare).*
- i. SINDAYINGAYA A, *Inkomoko n'imimaro y'imiziro n'imiziririzo mu muco Nyarwanda: icyerekezo cy'Ubumenyamuntu*, Kigali 2007 (Mémoire KIE)
- j. UNITY CLUB: *Raporo ku ndangaciro z'umuco nyarwanda zigomba gutezwa imbere n'imyifatire igayitse ikwiye guhindurwa hagamijwe iterambere rirambye ry'u Rwanda n'Abanyarwanda*, Kiagali, 2010
- k. UNESCO, *Déclaration de Mexico sur les politiques culturelles*, Mexico City, 26 Juillet –6 Août 1982.

## **VII. UBUFATANYE BW'INGABO N'ABATURAGE MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU**

### **VII.1. Intangiriro**

Kuva na kera mu Rwanda Abanyarwanda babanaga neza kandi bagafatanyaga muri byose nk'uko bivugwa ngo inkingi imwe ntigera inzu. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi, hagapfa abantu barenga miliyoni, abandi batari bake bagahunga, hakangizwa n'imitungo myinshi, Abanyarwanda mu nzego zose no mu byiciro byose bagize uruhare runini mu kugarurira isura nziza u Rwanda rwacu kugirango rwongere rube Igihugu gitemba amata n'ubuki.

Ni muri urwo rwego Ingabo z'Urwanda zagiye zigira uruhare rukomeye mu bufatanye n'izindi nzego mu bikorwa biteza Igihugu imbere.

### **VII.2. Intego**

Intego z'iri somo ni izi zikurikira:

- a. Kugaragaza imikorere n'imikoranire hagati y'inzego za gisirikare n'abaturage.
- b. Kugaragaza uruhare rw'ingabo mu iterambere ry'Igihugu

### **VII.3. Ibikubiyemo**

Ibikubiye muri iri somo ni ibi bikurikira :

- I. Amateka y'imikoranire y'ingabo n'abaturage.
- II. Imibanire y'ingabo n'abaturage kuri Republika I & II.
- III. Article 47 y'Itegeko Nshinga
- IV. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'Igihugu kuva 1994 kugeza ubu 2014
- V. Umwanzuro

### **VII.3.1. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'Igihugu**

Kuva na kera mu Rwanda Abanyarwanda babanaga neza kandi bagafatanya muri byose nk'uko bivugwa ngo inkingi imwe ntigera inzu. Nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, hagapfa abantu barenga miliyoni, abandi batari bake bagahunga, hakangizwa n'imitungo myinshi, abanyarwanda mu nzego zose no mu byiciro byose bagize uruhare runini mu kugarurira isura nziza u Rwanda rwacu kugirango rwongere rube Igihugu gitemba amata n'ubuki.

Ni muri urwo rwego Ingabo z'u Rwanda zagiye zigira uruhare rukomeye mu bufatanye n'izindi nzego mu bikorwa biteza Igihugu imbere.

Ingabo z'Igihugu RDF zikaba zarabigizemo uruhare runini mu guharanira iterambere ry'Igihugu haba imbere ndetse no hanze yacyo. Ibikorwa byinshi by'iterambere ingabo zikaba zibigeraho zifatanyije n'abaturage, ariko byose bikaba bishingiye ku mutekano ariwo soko y'amajyambere arambye.

### **VII.3.2. Imibanire y'ingabo n'abaturage mu gihe cy'Ubukoloni**

Mbere y'uko abakoloni baza mu Rwanda ahagana mu 1900, Abanyarwanda bose bari bafite inshingano zo kurinda umwanzi watera Igihugu, aho yaturuka hose ndetse bagafatanya no kugira uruhare mu kucyagura batitaye kubyo kuvuga ngo ni igikorwa kigenewe ingabo gusa. Urubwiruko rwose rwatwozwe mu Itorero gukunda Igihugu bamara gukura bakajya mu mitwe itandukanye y'ingabo kandi ntibyababuzaga kubana n'abaturage bagafatanya no mu bikorwa bindi bya buri muni.

Iyo habaga intambara yo kurengera Igihugu cyangwa kucyagura, buri wese yabigiragamo uruhare bitewe n'ubushobozi afite. Abagabo n'abasore bajyaga ku rugamba, abagore bagasigara baha impumbya abasaza bakagemurira ingabo ku rugamba. Ibi byose bikaba bigaragaza ko ubufatanye bw'ingabo za RDF n'abaturage bifite umuzi mu mateka yaranze abakurambere bacu mbere y'uko abazungu baducamo ibice bafatanyije n'abategetsi babi.

Abakoloni bamaze kugera mu Rwanda kuva mu 1895 kugeza mu 1962 u Rwanda rubona icyo bise ubwigenge, imibanire y'ingabo n'abaturage yaje kugira igitotsi kuko uburyo bwariho bw'imiyoborere bwahindutse bigira ingaruka nini ku mibereho y'Abanyarwanda muri rusange.

Abadage ni bo bazungu ba mbere bakoronije u Rwanda nyuma y'uko abazungu baruhaye imipaka yindi, rugatakaza uduce tumwe na tumwe nka Karagwe, Ankole, Masisi n'ahandi n'ahandi nyuma y'imyanzuro y'inama yabereye i Berlin mu 1884 abazungu bagabana Afrika. Ibi byagabanyije cyane igikorwa cyiza cy'imikoranire hagati y'ingabo n'abaturage, kuko igikorwa cyabahuzaga cyo kurengera Igihugu no kucyagura cyari kimaze kuvaho. Ubutegetsu bw'umwami nabwo butangira kuvangirwa n'imiyoborere y'abazungu. Ibikorwa by'iterambere byakorwaga byibandaga cyane ku nyungu z'abazungu nko gucukura amabuye y'agaciro, guhinga ikawa, ipamba n'ibindi.

Ababiligi bageze mu Rwanda mu 1916 bamaze gutsinda Abadage. Abanyarwanda bagerageje gufasha Abadage kurwanya Ababiligi ariko biranga ababiligi batsinda urugamba, bitewe n'uko barwanishaga intwari zikomeye cyane mu gihe Abanyarwanda barwanishaga intwari za gakondo.

Ababiligi bamaze gufata ubutegetsu bahise bishyiriraho ingabo zabo zigizwen'abazungu, hamwen'abasirikare b'abanyekongobaribafatanyije gutsinda iyo ntambara. Muri iki gihe nta ngabo z'abanyarwanda zariho, kuko ububasha bwose bwari mu maboko y'abazungu. Umwami yari yarateshejwe agaciro kugeza ubwo bamuciraga muri Congo mu 1931. Nta bikorwa by'iterambere byari biriho, usibye ibyari mu nyungu z'abazungu ndetse hanabaho inzara ikomeye ya Ruzagayura mu 1942.

### **VII.3.3. Ubufatanye bw'ingabo n'abaturage mu iterambere ry'Igihugu kuva 1994 kugeza ubu 2014**

Ingingo ya 47 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko *Abenegihugu bose bafite inshingano zo kugira uruhare mu iterambere*

ry'Igihugu bitabira umurimo no kubumbatira amahoro, demokarasi, ubutabera n'uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera Igihugu cyabo. ...”.

By'umwihariko, RDF mu shingano zayo zihariye, harimo gukorana n'abandi bafatanyabikorwa mu bikorwa byateza Igihugu imbere/ibikorwa by'amajyambere. Ni muri uru rwego RDF yashyizeho uburyo bw'imikoranire buhamye hagati y'inzego za gisirikare n'abandi bafanya bikorwa mu rwego rwo guhuza imbaraga mu bikorwa by'iterambere ry'Igihugu.

A new Military for Change, by president of the Republic of Rwanda, HE Paul Kagame, the legend who changed history of Rwanda to build 'New Rwanda', by his strategic statement of all time, ***“Ninacho taka kuwajulisha ni kwamba, kila mmoja wenu ajue wazi kwamba Jeshi letu hili, ndio msingi wa chama. Ndilo litakuwa msingi wa mabadiliko ambayo yatakuwepo kwa Nchi yetu hii. Na kwa hivyo wazi wazi ni mpaka kila mmoja wenu azingatie jambo la siasa ambalo limetufanya sisi tukamate silaha tupigane. Na kwa hivyo maana yake, ni mpaka sisi vitendo vyetu, mawazo yetu lazima kila wakati vitutofutishe na wale ambao tunapigana nao”***

Ingabo z'Inkotanyi APR-RDF zimaze gutsinda urugamba rwo kubohora Igihugu kuwa ku wa 4 Nyakanga 1994, zasubije u Rwanda isura nziza y'imikoranire hagati y'ingabo n'abaturage, habaho uguteza imbere Igihugu zibifashijwemo n'ubuyobozi bwiza bw'Igihugu burwanya ikibi cyose, bugaha agaciro iterambere ry'Abanyarwanda bose muri rusange nta vangura iryo ari ryo ryose ribayeho.

Akaba ariyo mpamvu RDF ishishikariza Abanyarwanda bose kuyitera inkunga mu bikorwa ikora byo guteza imbere Abanyarwanda bose by'umwihariko abo amateka yagaragaje ko basigaye inyuma ifatanyije n'abakangurambaga b'imibereho myiza.

### VII.3.4. Inshingano z'ingabo z'u rwanda

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Republic y'u Rwanda, ingabo z'u Rwanda zifite inshingano zikurikira :

- a. Kurinda ubusugire bw'Igihugu.
- b. Gukorana n'izindi nzego z'umutekano mu kukirinda, kucyubaha no kubahiriza amategeko.
- c. Gufatanya n'izindi nzego mu bikorwa by'ubutabazi cyane cyane mu gihe cy'ibiza n'amage.
- d. Gufatanya n'izindi nzego mu bikorwa by'iterambere ry'Igihugu.
- e. Kugarura amahoro mu mahanga, gutabara abari mu kaga no gutanga amahugurwa.

### VII.3.5. Ibikorwa by'ingenzi rufatanyijemo n'abaturage mu iterambere ry'Igihugu

Ingabo z'u Rwanda zagize uruhare mu iterambere ry'Igihugu mu buryo bukurikira:

- a. **UMUTEKANO** : Ingabo za RDF zafatanyije n'abaturage ku buryo budasubirwaho mu gutsinda intambara yo kwibohora mu 1994. Abaturage bakomeje kugaragaza uruhare rukomeye mu gufatanya n'ingabo za RDF gutsinda intambara y'abacengezi.
- b. **UBUMWEN'UBWIYUNGE** : Ingabo za RDF zifatanyije n'abaturage bagize uruhare mu gucyura impunzi zari zarahungiyeye muri Congo, kuva mu 1996 kugeza n'ubu icyo gikorwa kiracyakomeje cyo gushishikariza abanyarwanda bari hanze gutahuka . Ingabo za APR zagize uruhare mu gukora umutwe umwe w'ingabo zemera kuvanga n'ingabo zari iza FAR zitagize uruhare muri Jenocide bakora umutwe wa gisirikare ari wo RDF.
- c. **GUSUBIZA MU BUZIMA BUSANZWE** : Gusubiza mu buzima busanzwe abatahuka, bahoze ari abasirikare ba FAR.

- d. **IBIKORWA BY'UBUZIMA:** Ingabo za RDF zashyizeho ikigo kivuza abasirikare n'imiryango yabo kujiya muri mutuelle de santé. Ingabo zigira uruhare runini mu kuvura abaturage indwara zitandukanye nk'amenyo, amaso n'izindi mu cyumweru cyahariwe ingabo (**ARMY WEEK**).
- e. **UBUKUNGU** : Murwego rw'ubukungu, ingabo z'Urwanda zimaze gukora ibi bikurikira :
  - a) Mu rwego rwo gufasha Abanyarwanda kwiteza imbere RDF yashyizeho bank yo kubafasha kubitsa no gukoresha inguzanyo
  - b) Ikaba imaze guteza imbere umubare munini w'abanyarwanda.
  - c) RDF yafanyije n'abaturage kurangiza ikibazo cy'abantu bari barigwijeho ubutaka mu ntara y'iburasirazuba.
  - d) RDF kandi yashishikariye abaturage kwitabira gahunda yo guhuza ubutaka.
- f. **KURENGERA IBIDUKIKIJE** : Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, Ingabo z'Urwanda zakoze ibi bikurikira :
  - a) Zifatanyije n'abaturage bagira uruhare runini mu kurengera ibidukikije harwanywa isuri ku misozi ,gutera ibiti ku misozi ku mihanda n'ahandi.
  - b) Zigira uruhare mu kurengera inzuzi, ibiyaga n'imigezi no kurinda ahantu hakomye nk'ishyamba rya Nyungwe na parike y'ibirunga.
  - c) Zigishije abaturage gukoresha amashyamba ya rondereza mu rwego rwo kurengera ibidukikije.
- g. **IMIBEREHO MYIZA** : Mu rwego rw'imibereho myiza, ingabo z'Urwanda zigira uruhare mur'ibi bikurikira:
  - a) Ingabo za RDF zifatanyije n'abaturage bashoboye kurandura nyakatsi burundu.
  - b) Ingabo za RDF zifatanyije n'abaturage kandi bashoboye kubaka

imihanda,ibiraro,amateme,kugeza amazi meza ku baturage n'ibindi.

- c) Ingabo za RDF zagize uruhare mu gikorwa cyo korora abaturage muri gahunda ya gira inka munyarwanda.
  - d) Ingabo za RDF zigira uruhare mu kubakira imfubyi n'abapfakazi batishoboye.
  - e) Ingabo za RDF zifanyije n'abaturage bagira uruhare mu kurwanya ibiza.
  - h. **UBUREZI** : Ingabo za RDF zifatanyije n'abaturage bagize uruhare mu kubaka amashuri yo mu burezi bw'imyaka icyenda na cumi n'ibiri.
  - i. **KURWANYA IHOHOTERWA** : Ingabo z'Urwanda zikomeje kugira uruhare rukomeye mu bikorwa birwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
  - j. **IBIKORWA BYAGEZWEHO HANZE Y'IGIHUGU** : Ingabo za RDF yagize uruhare mu kubungabunga umutekano mu bihugu bitandukanye muri Afurika n'ahandi ku isi: Sudani, Centre Africa, Mali,....
- Bagiye bagira kandi uruhare mu bikorwa by'iterambere nko kubaka amashuri, guhanga imihanda, ...

## **Umwanzuro**

Ibyakozwe ku bufatanye bwa RDF n'abaturage ni byinshi kugeza ubu, ariko ntibihagije tugomba gukomeza gufatanyiriza hamwe kubaka Igihugu cyacu kikaba mu bihugu bikomeye ku isi bitarangwamo ubujiji, inzara n'ubukene, duhereye ku cyerekezo cy'Igihugu 2020.

Abakangurambaga b'imibereho myiza bakaba basabwa kubigiramo uruhare rukomeye cyane kugira ngo Abanyarwanda bose bazagerweho n'aya mahirwe nta n'umwe usigaye inyuma.

Abanyarwanda twese tugomba kugira imyumvire imwe tukumvako twese icyo tugamije ari impinduka nziza zizatuma iki gihugu kiva ku rutonde rw'ibihugu biri mu nzira y'amajyambere, kikajya mu bihugu byateye imbere,twitabira gushyira mu bikorwa gahunda zose za leta. Ibi byose bikaba bishoboka habonetse ubushake n'ubwitange bya buri wese.

### **Ibindi byakwifashishwa**

- a. Indirimbo :** Rwanda itagengwa na nani
- b. Ivyivugo :** Ndi Ingabo y'Urwanda
- c. Amashusho y'ibikorwa by'ingabo**
  - a) Army week
  - b) Rondereza
  - c) Terracing
  - d) Tree planting
  - e) GBV

**d. Quotation :** Jeshi letu ndiyo msingi wamabadiliko.



